INYIGISHO YA BURI MUNSI
UAMBO RYAWE RYA BURI MUNSI

IGICE CYA 3

Nya – Kana - Nze

2026

InkuruNziza

BURI MUNSI



Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera zivuye mu gihugu cya kure **(Imigani 25:25)**

Uebert & BeBe
ANGEL

INGINGO YA 3 | 2026

NYAKANGA - KANAMA - NZERI

IMYIRONDORO YAWE

Amazina:

Telefone:

INTEGO ZAWE MURI IKI GIHEMBWE

UKO WAKORESHA IYI NYIGISHO KUGIRA NGO IKUGIRIRE AKAMARO

InkuruNziza ya Buri Munsi yagenewe kugufasha gukura binyuze mu Ijambo ry'Imana buri munsi. Jya usoma iyi nyigisho witonze maze utekereze ku butumwa burimo.

Jya usenga isengesho rya buri munsi kandi waturane ukwizera Ijambo rya Gihanuzi, wizere ko Imana iri gukora mu buzima bwawe.

Jya ukurikirana umukoro wo gusoma Bibiliya buri munsi kandi usoma n'ibindi byanditswe kugira ngo ukomeze gusobanukirwa Ijambo ry'Imana maze wubake umubano uhamye na Yo.

Uko usoma iyi nyigisho ya buri munsi, wizere ko Ijambo ry'Imana rizakuyobora, rikagukomeza kandi rikakuyobora mu ntsinzi.
Ryoherwa mu mwanya uri kumwe n'Imana hamwe n'inkuruNziza ya Buri Munsi, Imana iguhe umugisha.

Umuhanuzi Uebert Angel



GoodNews DAILY

UBUSOBANURO KU NYIGISHO Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsi ni igikoresho gikomeye cy'umukristo cyandikanywe ubuhanga kugira ngo gitange amasomo akomeza umuntu mu mwuka buri munsi w'umwaka. Itanga ubumenyi bwimbitse, n'ihishurirwa rikomeye, ndetse n'ijambo rya gihanuzi rya buri munsi bigamije kuyobora abayisoma mu buzima bugengwa na Kristo, ishingiye ku nyigisho zizana impiduka ndetse n'ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Isohoka kane mu mwaka, iyi nyigisho ifite itandukinyirizo ryo kuba igera ku isi hose, ikaba iboneka ku buntu mu ndimi nyinshi kugira ngo irenge inzitizi z'ururimi kugira ngo ubutumwa bwayo buhindura ubuzima bubashe kugerwaho na bose ku isi yose. Isohoka mu byiciro byihariye ari byo icy'abakuru, ingimbi ndetse n'icy'abana, iyi nyigisho y'Inkuru Nziza izana Ijambo rya Gihanuzi kuri buri wese mu kigero cye, bigatera umuryango imbaraga zo gukurira hamwe mu kwizera no mu ihishurirwa.

UEBERT & BEVERLY ANGEL



Mu myaka myinshi bamaze mu murimo w'Imana uhoraho, Uebert na Bebe Angel ni amajwi ayoboye kandi aganje mu gutangaza Inkuru Nziza y'Ubuntu bw'Imana ndetse n'ubuhanuzi ku isi hose. Bombi ni abanditsi b'ibitabo byakunzwe na benshi aribyo Intambara y'Umwuka, Ubucuti, Banki ' Amasengesho, Imbaraga Zidasanzwe z'Uwizera, ndetse n'Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsi, batanze umusanzu ukomeye mu nyandiko za Gikristo. Uebert na Bebe Angel ni abigisha bavuga mu biterane bifuzwa n'isi yose kandi nk'abayobozi ku rwego rw'Isi, bubahirwa iyerekwa ryabo, udushya no gushira amanga. Nk'abashinze Itorero ry'Ubutumwa Bwiza (Spirit Embassy) bakagira n'umuhamagaro Wa gihanuzi, bahinduye ubuzima bwa miliyoni z'abantu ku isi yose biciye mu rukundo rwabo rwo kuzana ubugingo kuri Kristo binyuze mu iyerekwa ry'Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana.



KWIZERA KURIHANGANA

Abaheburayo 10:36
Kuko mukwiriye kwihangana kugira ngo nimumara gukora ibyo Imana ishaka, muzahabwe ibyasezeranijwe.

Nabonye Abakristo benshi bacika intege hakiri kare mbere y'uko igitangaza cyabo kigaragara, nyamara ukwiriye gusobanukirwa ibi: ukwizera k'ubumana kurihangana. Ntabwo kurekura, ntikurambirwa, kandi ntigucika intege. Kwihangana si ugutegereza ucecetse ntacyo ukora ahubwo ni ukwizera udashidikanya yuko icyo Imana yavuze no kugikora izagikora. Uku kwizera k'ubumana ntiguhungabanywa n'uko ibitegerejwe byatinze cyangwa ibihe bikomeye kuko kubona isezerano nk'iryamaze gusohora. Ukwizera kwihangana kugushyira mu mwanya wo kubona ibyo wasengeye bisohora.

Nubwo ibihe bigerageza ukwizera kwawe, kwihangana kuragushyigikira.Nushikama, ukatura ijambo ry'Imana ku buzima bwawe, kandi ugakomeza gutegereza wihanganye, isezerano rirasohora, kuko Imana si umuntu ngo ibeshye. Ibi bivuze ko izakora ibyo yavuze mu gihe cyayo no mu bihe byayo ku muryango wawe, ubucuruzi bwawe, n'umwuga wawe muri uyu mwaka w'amavuta adasanzwe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, komeza ukwizera kwanjye kugira ngo nihangane ntacitse intege. Nakiriye ubuntu bwo kwihangana bwizera Ijambo ryawe ubu n'iteka ryose mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ukwizera kwanjye kurihangana. Nshikama mu masezerano y'Imana kugeza asohoye byuzuye, bizamura ubuzima bwanjye ku rwego rushya rw'ubuntu n'amahoro, mu Izina rikomeye rya Yesu! Imana ihimbazwe!

IBINDI BYANDITSWE
Abaheburayo 6:12

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'182
Luka 12:32-59; Zaburi 70-71

GoodNews DAILY

ISOKO NYAKURI Y'IBIGUTUNGA

Abafilipi 4:19
Kandi Imana yanjye izabamara ubukene bwanyu bwose, nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri muri Kristo Yesu.

Kwegurira Imana iby'imari yawe bitangirira ku kuyimenya nk'isoko y'ibigutunga yawe nyamukuru. Akazi, ubucuruzi, n'andi mahirwe azana amafaranga ni inzira gusa Imana ikoresha, ariko Imana ubwayo ni yo itanga byose. Iyo uhagarite kwizera mu bushobozi bwawe, ukerekeza icyo kizere ku bushobozi bw'Imana, bikurinda guhangayika , umutima wawe ukuzuramo amahoro. Gutanga kw'Imana ntiguhagarikwa n'iby'ubukungu bw'isi. Itanga ikurikije ubutunzi bwayo butagira akagero, ntitanga igendeye ku bukene bw'iyi Si.

Iyo ushyize imari yawe mu maboko yayo, igukubirai ibyo ufite, igafungura imiryango itari yitezwe, kandi ikagutegurira kwakira ibidasanzwe. Kwiringira Imana mu by'imari si uburangare; ni ubwenge bwo mu ijuru. Nyirubutunzi bwose azi uko arengera abana be mu bihe byose. Imana yatubuye amafi abiri n'imigati itanu igahaza abantu 5,000, ishobora kwita ku bucuruzi bwawe n'umuryango wawe muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nkwemera nk'Isoko yanjye ndetse nk'ungenera byose. Nshyize iby'imari yanjye mu maboko yawe, niringira ubushobozi bwawe kurusha ibindi byose. Gwiza ibyo mfite, kandi ufungure imiryango y'igitangaza! Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana ni yo soko yanjye. Nshyize iby'imari yanjye mu maboko yayo kandi akira ibintunga bidasanzwe. Ubukene ntibukiri mu magambo yanjye; ntibunegera aho ntuye mu Izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 121:1–2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'183
2 Ngoma 21-22; Ibyakozwe n'Intumwa 25



IMANA IZA KU GIHE

1 Petero 5:10
Kandi Imana igira ubuntu bwose yabahamagariye ubwiza bwayo buhoraho buri muri Kristo, izabatunganya rwose ubwayo ibakomeze, ibongerere imbaraga nimumara kubabazwa akanya gato.

Dukorera Imana itwihanganira. Yitwa uwahozeho kera hose. Kwihangana kwayo gushingiye ku buryo ibonamo igihe. Ibyanditswe bivuga ko imyaka 1,000 kuri yo ari nk'umunsi umwe. Imana ntigira ejo cyangwa ejo hazaza. Iba mu kubaho "kwa none" by'iteka ryose.

Icyo twe twumva nk'igitinze, ku Mana ntikiba cyatinze. Ibyanditswe bitwereka ko akenshi yigaragaza hagati mu byago. Urukundo Saduraki, Meshaki na Abedenego bakundaga Imana mu gihe cy'ibyago rwatumye Imana imanuka ikinjira mu muriro igahagararana hamwe na bo. Imana yahinduye itanura ry'umuriro riba nk'ahantu hari kayaga gakonje!

Izere Imana mbere, hagati, na nyuma y'umuriro. Ntijya itinda; izigaragaza mu buryo bukomeye ihindure ubuzima bwawe bube bwiza!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Wowe wahozeho kuva kera hose, ndakwizeye. Mbere yuko njya mu muriro, hagati mu muriro, ndetse na nyuma ya buri muriro. Injira mu kibazo cyanjye; untunganye, unkomeze, unshimangire kandi unturishe. Hindura ibigeragezo byanjye bibe ubuhamya kandi uhindure ubuzima bwanjye bwiza!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana yanjye izigaragaza. Ihora iri ku gihe, kandi igitangaza cyanjye ntikizahagarikwa mu Izina rikomeye rya Yesu! Haleluya!

BINDI BYANDITSWE
2 Abakorinto 4:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'184
2 Ngoma 23-24; Ibyakozwe n'intumwa 26



IMANA IHINDURA IMYANZURO

Daniyeli 7:22
kugeza aho Umukuru nyir'ibihe byose yaziye agatsindishiriza abera b'Isumbabyose. Igihe kirasohora abera bahabwa ubwami.

Imana ni Umucamanza mukuru ufite intebe iruta izindi manza zose zo ku isi. Iyo ubuzima, abantu, cyangwa ibihe bigufatiye imyanzuro mibi ku hazaza hawe, yo iraza igahindura igisubizo cya nyuma. Hari ibihe bisa nk'aho umwanzi yafashe umwanya wemewe, agafunga imiryango kandi agahagarika iterambere. Ariko nk'uko biri mu iyerekwa rya Daniyeli, Imana irahaguruka igahindura umwanzuro wa nyuma. Icyaha cyose waba uregwa mu buryo bw'umwuka, inyandiko z'umwijima, n' mu miryango birahanagurwa igihe Uwa kera cyane yicaye guca urubanza.

Iyo Imana iguciriye urubanza, ibibazo bihora bikuzengurukaho birashira, ahazaza hawe harahinduka, icyubahiro cyawe ukagisubirana. Nta kirego gisigara guhagaze iyo yatanze Imbabazi zayo. Izere ko Imana ari Yo ifite ijambo rya nyuma ku buzima bwawe. Nubwo ibintu bisa n'ibyatinze, wibuke ko igihe cyayo ari cyo gikwiriye. Izaza mu gihe gikwiriye, kandi ibyagaragaraga nko gutsindwa bizahinduka ubuhamya buhesha Imana icyubahiro.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, Mburanira. Hindura buri mwanzuro mubi wavuzwe ku hazaza hanjye. Siba ibirego, uhagariko ibibazo bihora binzengurukaho, kandi usubize icyubahiro. Amen!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Buri mwanzuro mubi ku hazaza hanjye urahinduwe. Inkuru yanjye iranditswe bushya ku bw'icyubahiro cyayo mu Izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Yesaya 54:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'185
2 Ngoma 25-27; Ibyakozwe n'intumwa 27:1-26



ISENGESHO RIFUNGURA IMIRYANGO IDASHOBOKA

Ibyakozwe n'Intumwa 12:5
Nuko Petero arindirwa mu nzu y'imbohe, ariko ab'Itorero bagira umwete wo kumusabira ku Mana.

Nabonye imbaraga z'isengesho mu buzima bwanjye no hafi yanjye mu buryo bukomeye cyane ku buryo nshobora kuvuga nshize amanga ko isengesho rikora! Hari imiryango itazigera ifunguka kugeza igihe hazamuwe isengesho. Petero yari afungiye inyuma y'imiringa y'icyuma, arinzwe n'abasirikare, kandi yateguriwe kwicwa, nyamara itorero ryaramusengeye. Isengesho ryabo ryateye ingabo z'abamarayika kuza, ricagagura iminyururu, rifungura amarembo, kandi rikamurokora mu buryo bworoshye cyane.

Ibi byerekana ko nta gereza ikomeye cyane, nta kibazo gikomeye cyane, nta muryango ufunze cyane isengesho ridashobora gufungura. Amasengesho yawe ahamagara abamarayika, agahagarika imigambi ya satani, kandi agashyira mu bikorwa ubushake bw'Imana. Iyo usenga, iby'umwuka bihinduka ibisanzwe, kandi ibidashoboka bigahinduka bishoboka.

Ntugatinye ubunini bw'imbogamizi; gira ikizere mu masengesho yawe ku Mana ifite imbaraga. Imiryango watekerezaga ko izafungwa iteka izafunguka mu buryo butunguranye igihe winjije ijuru mu isengesho ryawe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, uko ninjira mu ijuru binyuze mu isengesho, fungura buri muryango udashoboka imbere yanjye. Reka iminyururu icike, amarembo afunguke, kandi ubutabazi bw'abamarayika buhaguruke ku bwanjye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Buri muryango urwanya ahazaza hanjye ufinguwe n'imbaraga z'Imana uko ninjira mu ibanga ry'isengesho mu Izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Matayo 7:7–8

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'186
2 Ngoma 28-29; Ibyakozwe n'Intumwa 27:1-26



IZINA RIFITE UBUTWARE

Abafilipi 2:10
kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru, cyangwa ay'ibyo mu isi, cyangwa ay'ibyo munsi y'isi

Izina rya Yesu si ijambo risanzwe ry'idini; ni intebe y'ubutware iruta izindi mu bigaragara n'ibitagaragara. Iyo wambaje izina rye, uba uhamagaye imbaraga zose z'izuka rye n'intsinzi yatsinze icyaha, urupfu, n'umwijima. Muri iryo zina, abadayimoni barahinda, indwara zigacika intege, kandi umugambi w'Imana ugashyirwaho.

Ubutware buri mu Izina rya Yesu buzwi mu ijuru, butinywa mu muriro w'iteka, kandi bwubahwa ku isi. Buri kibazo, nubwo cyaba gikomeye gute, kigomba kunama igihe Izina rya Yesu rivuzwe mu kwizera. Koresha Izina rye ushize amanga mu masengesho, mu ntambara, mu byemezo, no mu magambo yawe. Ibyo udashobora gukora ku mbaraga z'umubiri, ushobora kubitsinda binyuze mu izina rye!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mvuga nshize amanga izina rya Yesu ku buzima bwanjye. Ndatura ko mu izina rya Yesu, amavi yose mu ijuru, ku isi, no munsi y'isi ipfukama imbere y'ubwami bwe. Amen!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mu Izina rikomeye rya Yesu, amavi yose arwanya ahazaza hanjye azapfukama, kandi buri ntambara iracishwa bugufi munsi y'ubutware bwe. Ndatura amahoro mu binkikije mu izina rikomeye rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE
Mariko 16:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'187
2 Ngoma 30-31; Ibyakozwe n'intumwa 28



IGIKUNDIRO KIDUTANDUKANYA N'ABANDI

Zaburi 5:12
Ni bwo abaguhungiraho bazishima, Ibyishimo bizabateza amajwi hejuru iteka kuko ubarinda, Kandi abakunda izina ryawe bazakwishimira.

Igikundiro ni ikimenyetso Imana ishyira ku buzima bw'umuntu kimutandukanya. Ni imbaraga zidasanzwe zituma abantu, imigenzereze y'isi, n'amahirwe atandukanye biza bikugana. Iyo Imana igukikije igikundiro, baguhitamo abandi bari aho gusa bareba.

Yozefu yari mu gihugu cy'amahanga, nyamara igikundiro cy'Imana bwamutandukanyije mu nzu ya Potifari, muri gereza, ndetse no mu ngoro ya Farawo. Igikundiro ni ikimenyetso Imana igushyiraho kugira ngo igaragaze ko yemeye umuryango wawe, ubucuruzi bwawe, iby'imari yawe, n'umwuga wawe.

Igikundiro kirakurazamura, kiguteza imbere, kandi kihutisha ibintu. Igikundiro Gica imigenzo, gihagarika abakurwanya, kandi kigafungura imiryango imbaraga z'umuntu zitashobora gufungura. Iyo ufite igikundiro, ibikomeye ku bandi biba byoroshye kuri wowe. Igikundiro si ikintu uhiga; ni ikintu witegura kwakira binyuze mu kumvira, kwicisha bugufi, no kwegera Imana.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, nkikiza igikundiro nk'ingabo. Reka igikundiro cyawe kintandukanye kibe ku buzima bwanjye, umuryango wanjye, ubucuruzi bwanjye, n'umwuga wanjye, kugira ngo kwemerwa kwawe kugaragare mu byo nkora byose.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkikijwe n'igikundiro cy'Imana. Aho ngiye hose ndatoranywa, ndatandukanywa, kandi ndazamurwa aho. Sinshobora kwangwa kuko igikundiro cy'Imana gikomeza kumvugira mu izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Daniyeli 1:9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'188
2 Ngoma 32-33; Abaroma 1



IMANA IKUGENDA IMBERE MU NTAMBARA

Gutegeka kwa Kabiri 20:4
Kuko Uwiteka Imana yawe ajyana nawe! Azakurwanirira ku banzi bawe, kandi azaguha intsinzi!

Ntiwigeze uremwa ngo urwane intambara z'ubuzima wenyine. Imana ikugenda imbere nk'umurwanyi w'umunyembaraga, ikora ibyo udashoboye, ihagarika abanzi bihishe, kandi igahagarika imigambi ya satani mbere y'uko igaragara. Intsinzi nyinshi wibonera buri munsi ni intambara Imana yakurwaniye utabizi.

Iyo Imana ikugenda imbere, ubwoba burashira, kandi ugahagarika gushidikanya. Ihagarara imbere y'ahazaza hawe, ikemeza ko nta ntwaro yaremewe kukurwanya izagutsinda. Umwanya wawe ni ukwizera no gukomeza kuba mu Ijambo ryayo. Iyo Imana ikurwaniriye, intambara zatsinze abandi ziguhindukira izigushyira hejuru. Hagarara urebe agakiza k'Uwiteka kagaragara mu buzima bwawe bwose! Haleluya!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ngenda imbere mu ntambara zose z'ubuzima bwanjye. Undwanirire, uhagarike abanzi bihishe, usesa imitego itagaragara, kandi uteshe agaciro imigambi ya satani mu Izina rikomeye rya Yesu. Amen

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uwiteka anjya imbere, arandwanirira kandi arankiza. Nta ntambara izatsinda ahazaza hanjye, nta ntwaro y'umwanzi iteguwe n'abantu izashobora kuntsinda mu Izina rya Yesu! Uwiteka ahimbazwe!

IBINDI BYANDITSWE
Yesaya 52:12

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'189
Luka 13:1-21; Zaburi 72-73



URUKUNDO RW'IMANA RUTAJYA RUNANIRWA

Yeremiya 31:3
Uwiteka yambonekeye kera ati "Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho, ni cyo cyatumye ngukuruza ineza nkakwiyegereza.

Urukundo rw'Imana si urw'igihe runaka, ntirushingiye ku marangamutima cyangwa ku byangombwa runaka umuntu yujuje: ni urw'iteka. Mbere y'uko uyimenya, yaragukunze. Bibiliya ivuga ko tukiri abanyabyaha, Kristo yadupfiriye. Mbere y'uko usenga isengesho rya mbere, yaragutoranije. Urukundo rw'Imana ruhoraho n'iyo ibihe bihinduka. Urukundo rw'abantu rushobora kunanirwa, kugabanuka cyangwa rugakonja, ariko urw'Imana rwo ntiruhinduka.

Urukundo rwayo rurakurikirana, rugakiza, rugasana, rugakosora kandi rugakomeza. Ntirucira urubanza; ruhindura ubuzima. Urukundo rw'Imana ni inkingi mu miraba, ni ingabo mu ntambara, kandi ni ihumure mu bubabare. Iyo ibintu byose bihungabana, urukundo rwayo rwo ruhagarara rukomeye kuri wowe. Urukundo rw'Imana ntirwerekanwa no kubura ibibazo, ahubwo rugaragarira mu kuba iri kumwe nawe mu bibazo. Irakuzi, irakubona, kandi iragukunda bidasanzwe. Nta kintu na kimwe gishobora kukutandukanya n'urukundo rwayo.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nakiriye urukundo rwawe rutananirwa kandi ruhoraho ngo nduruhukiremo.Reka urukundo rwawe rukunkururire, runkize, runsane kandi runkomeze. Ba inkingi yanjye mu miraba, ingabo yanjye mu ntambara, n'ihumure ryanjye mu bubabare.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nduhukira mu rukundo rw'Imana ruhoraho. Nta kintu mu buzima cyangwa mu iteka gishobora kuntandukanya n'urukundo rwayo! Uwiteka ahimbazwe!

IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 8:38–39

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'190
2 Ngoma 34-36; Abaroma 2



GoodNews DAILY

INEZA Y'IMANA NTISHIRA

Abaroma 2:4
kandi usuzugura ubutunzi bwo kugira neza kwayo, n'ubw'imbabazi zayo n'ubwo kwihangana kwayo? Ntuzi yuko kugira neza kw'Imana ari ko kukurehereza kwihana?

Ubugwaneza bw'Imana si ubw'akanya gato; ni bwinshi, burashikamye, kandi bukomeza gutemba. Ubugwaneza bwayo bukurura imitima, bugasubiza ibyiringiro, kandi bugahagurutsa abananiwe. Ibyo dutsindira ntibiterwa n'uko dutunganye ahubwo biterwa n'ubugwaneza bwayo bwinshi. Ubugwaneza bwayo bukomeza kudukurikirana n'iyo duhura n'ingorane, tugwa, cyangwa tuyobye. Ubugwaneza bw'Imana ni ubutwibutsa ko iri mu ruhande rwawe, atari umwanzi wawe. Ushobora kuyishingikirizaho.

Ubugwaneza bw'Imana buba bushya buri gitondo bufungura imiryango, bugahosha intambara, kandi bugahindura ibidashoboka. Imbabazi zose wakiriye ni ikimenyetso cy'ubugwaneza bwayo. Iyo ubuzima bukomeye, ubugwaneza bwayo buzana ihumure; iyo isi isa n'ikonje, ubugwaneza bwayo bushyushya umutima wawe. N'iyo ibihe byaba bimeze nabi gute, ubugwaneza bw'Imana buzagusanga. Uzatoranywa kandi uzamurwe muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira ku bw'ubugwaneza bwawe butajya bushira. Reka ubugwaneza bwawe bunkurikirane kandi bumbone, bucoce buri ntambara, bufungure imiryango, kandi buhindure ibidashoboka mu Izina rya Yesu. Amen!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubugwaneza bw'Imana bukikije ubuzima bwanjye kandi bunyobora mu kumenya neza bugwaneza bwayowimbitsee mu Izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Kuva 34:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'191
Ezira 1-2; Abaroma 3



INGABO Y'IMANA

Zaburi 3:4
Ariko wowe Uwiteka, uri ingabo inkingira, Uri icyubahiro cyanjye, ni wowe ushyira hejuru umutwe wanjye.

Uburinzi bw'Imana ni ingabo ikomeye ikikije buri gice cy'ubuzima bwawe. Ingabo y'Imana iburizamo ibitero ubona n'ibyo utabona. Ibyago byinshi biba bigamije kugusenya byahagaritswe n'uko Imana yahagaze hagati yawe n'umwanzi. uburinzi bwayo burinda ibitekerezo byawe, ubuzima bwawe, iby'imari yawe, umuryango wawe, n'ahazaza hawe.

Ntabwo uri mu kaga; urakikijwe. Ingabo y'Imana nticengerwa; nta mwambi w'umwijima ushobora kuyinjiramo. Ubwoba nibukwongorera, ujye wibuka ko Imana ubwayo ari yo murengezi wawe. Kurindwa kwayo ntikuneshwa niyo byaba ari mu bihe bikomeye; ahubwo kugaragara cyane mu kaga. Ikintu cyose kiguhangara kigomba guhura n'ingabo y'Imana, si intege nke zawe. Urakomeye kandi urarinzwe n'Isumbabyose. Guma mu mutekano n'uburinzi bw'Imana muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, uri ingabo yanjye n'uburinzi bwanjye. Kiza ubuzima bwanjye, umuryango wanjye, ubuzima bwanjye bw'umubiri, iby'imari byanjye, n'ahazaza hanjye n'uburinzi bwawe budacengerwa. Reka buri mwambi w'umwijima uhagarikwe, kandi imigambi y'umwanzi ihungabanywe! Amen!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uwiteka ni ingabo yanjye. Ndarinzwe, ndabungabunzwe, kandi ntawuntera ku bw'imbaraga z'Imana none n'iteka ryose! Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 28:7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'192
Ezira 3-5; Abaroma 4



UBUNTU BWO GUTANGA

2 Abakorinto 9:7
Umuntu wese atange nk'uko abigambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa kuko Imana ikunda utanga anezerewe.

Gutanga ni ubuntu bw'Imana, si umutwaro. Iyo gutanga biva mu rukundo no kumvira, biba imbuto ijuru ryemera kandi rikuza. Gutanga bisenya umwuka wo kubaho ufite icyo ubura, bigakuraho umururumba, kandi bigashyira Umukristo mu murongo wo kwakira ibyiza mu bwami bw'Imana. Utanga anezerewe ntatanga kubera igitutu, icyaha, cyangwa ubwoba, ahubwo atanga kubera kumenya ko ibyo afite byose yabihawe n'Imana.

Iyo utanze, uba ugize uruhare mu mugambi w'Imana kandi ugafungura imiryango yo gutanga kwayo. Gutanga ntibipimirwa ku bunini bw'imbuto ahubwo ni mu buryo umutima uhagaze. Ubuzima bwo gutanga bukurura ubuntu bw'Imana, amahirwe adasanzwe, n'imigisha ihoraho. Ubuntu bwo gutanga ni na bwo ubuntu bwo kwakira. Winjira mu gihe gishya cy'ubwinshi binyuze mu gutanga kwawe. Byitoze!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mpa ubuntu bwo gutanga nezerewe kandi nivuye inyuma. Nkuraho umwuka w'igitutu no kugira icyo mbura.Ringaniza ubuzima bwanjye n'ubuntunzi bwo mu bwami bwawe kugira ngo mbe igikoresho mu mugambi wawe mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuntu bwo gutanga nezerewe buri ku buzima bwanjye, kandi ubutunzi butemba mu buzima bwanjye nta nkomyi, nta mbogamizi, cyangwa icyabuhagarika icyo ari cyo cyose mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE
Imigani 11:25

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'193
Ezira 6-8; Abaroma 5



UMWIZWERWA UDAHINDUKA

Amaganya ya Yeremiya 3:23
Imbabazi z'Uwiteka ni zo zituma tudashiraho, Kuko ibambe rye ritabura.Zihora zunguka uko bukeye, Umurava wawe ni munini.

Ubwizerwa bw'Imana ni inkingi y'ibyiringiro by'Umukristo wese. Ntabwo ihinduka, ntihindagurika, kandi ntinanirwa. Iyo abantu bahindutse, ibihe bigahungabana, n'ubuzima bukijima, Imana yo ntihinduka. Ubwizerwa bwayo bushingiye ku mico yayo: ikomeza buri sezerano, yibuka buri masezerano, kandi igasohoza buri jambo yavuze ku buzima bwawe.

Imana ntibika amakosa yawe, kandi ntipima ubwizerwa bwayo ishingiye ku bikorwa by'abantu cyangwa ku bihe. N'iyo utabihagazemo neza, yo iguma ihamye. Ubwizerwa bw'Imana ni bwo butuma ubaho, ukarindwa kandi ukitabwaho. Nta gihe Imana itererana abayo. Ubwizerwa bwayo ni icyemezo ko ibyo yatangiye mu buzima bwawe izabirangiza muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana yizerwa, nshyize ibyiringiro byanjye muri wowe. Urakoze kubw'mbabazi zawe zihora ziba nshya buri gitondo. Nzi ko wasohoje buri sezerano n'ubuhanuzi buvugwa ku buzima bwanjye, umuryango wanjye, iby'imari byanjye, n'ubucuruzi bwanjye mu Izina rya Yesu. Amen

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpagarara ku bwizerwa bw'Imana budahinduka. Buri sezerano yavuze ku buzima bwanjye, buri jambo ry'ubuhanuzi ryavuzwe ku buzima bwanjye, na buri ntumbero yose nahawe n'ijuru ku hazaza hanjye bizasohora mu Izina rya Yesu. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE
Kubara 23:19

3UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'194
Ezira 9-10; Abaroma 6



IMANA IKIZA

Kuva 15:26
Arababwira ati "Nugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, ugakora ibitunganye mu maso yayo, ukumvira amategeko yayo, ukitondera ibyo yategetse byose, nta ndwara nzaguteza mu zo nateje Abanyegiputa, kuko ari jye Uwiteka ugukiza indwara."

Imana yigaragaza si nk'Umukiza gusa ahubwo nk'umuganga. Ntabwo ikiza indwara z'umubiri zigaragara gusa. Igera ku bikomere by'amarangamutima, imihangayiko, gukandamizwa mu mwuka, n'imivumo yakomotse ku bakubanjirije. Iyo Mana yakijije Abisirayeli mu butayu ntiyahindutse. Imbaraga zo gukiza zayo zitemba binyuze mu Ijambo ryayo.

Gukira si ikintu Imana ikora rimwe na rimwe; ni kamere yayo. Ikiza abarwayi, igasana imibiri yangiritse, ipfuka umutima wakomeretse, kandi igakosora ibyo ibihe bibi byangije. Nta ndwara, isuzuma, cyangwa ubumuga buruta imbaraga zayo. Iyo ubuvuzi bw'isi bugeze aho imbaraga zabwo zirangirira, gukiza kw'Imana ni ho guhera gukora ibitangaza! Gukira biroroshye! Haleluya!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, uri Umukiza wanjye. Nakiriye imbaraga zawe zo gukiza mu mubiri wanjye, mu bwenge bwanjye, no mu mwuka wanjye. Sana ibyo ibihe byangije byose, kandi ugaragaze gukiza kwawe muri njye, mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ku bw'imbaraga za Yehova Rapha, buri ndwara iri mu mubiri wanjye, mu bwenge bwanjye, no mu mutima wanjye irakize mu Izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 107:20

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'195
Nehemiya 1-3; Abaroma 7



YESU, UMUVUGIZI WACU

1 Yohana 2:1
Bana banjye bato, mbandikiriye ibyo kugira ngo mudakora icyaha. Icyakora nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ari we Yesu Kristo ukiranuka.

Buri Mukristo afite umuvugizi muu mategeko wo mu ijuru: Yesu Kristo, Umuvugizi wacu. Atuvugira atitaye ko tutabikwiriye, ahubwo aburana ku bwo gukiranuka kwe n'umurimo yarangije ku musaraba. Iyo umwanzi atureze, Yesu aratuvugira. Iyo icyaha kiguteye kwicuza, Yesu arakurengera. Iyo gucirwaho iteka kugerageje kukugusha, Yesu arahaguruka agahagarara mu mwanya wawe.

Ubuvugizi bwe bucecekesha ibirego byose, busiba uburenganzira mu mategeko imbaraga z'umwijima ziba zifite, kandi bugatuma wegere Data nta bwoba. Nta na rimwe uba uri wenyine mu rukiko rw'ubuzima; Yesu ubwe ni we ugu hagarariye. Amaraso ye ni cyo kimenyetso cyawe, gukiranuka kwe ni ko kugukingira, kandi gusabira kwe ni bwo burinzi bwawe. Ntazigera agusiga cyangwa ngo agutererane. Izere Ijambo rye!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira ko binyuze muri Yesu Kristo, buri kirego no gucirwaho iteka bicecekeshwa n'amaraso ye. Nakiriye kwegera intebe yawe nshize amanga, nshyigikiwe n'umurimo Kristo yarangije. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Yesu, Umuvugizi wanjye, Umujyanama, Umurengezi, umurinzi n'Ingabo yanjye ikomeye, aramburanira. Buri kirego ku buzima bwanjye giteshwa agaciro no gukiranuka kwe. Uwiteka ahimbazwe!

IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 8:34

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'196
Luka 13:22-35; Zaburi 74-76



YESU, IGIKOMANGOMA CY'AMAHORO

Yesaya 9:6
Gutegeka kwe n'amahoro bizagwirira ku ntebe ya Dawidi n'ubwami bwe, bitagira iherezo kugira ngo bibukomeze, bibushyigikize guca imanza zitabera no gukiranuka, uhereye none ukageza iteka ryose. Ibyo ngibyo Uwiteka Nyiringabo azabisohoresha umwete we.

Yesu, igikomangoma cy'amahoro, ntabwo atanga amahoro gusa ahubwo ni amahoro ubwe. Aho ari, imiyaga iratuza kandi ubwoba bugatakaza imbaraga zabwo. Amahoro ya Yesu si amahoro nkay'isi yoroshye, ashingiye ku biri kuba; ni icyizere cy'umwuka kidasanzwe gishingiye ku butware bwe. Amahoro ye ategeka mu bihe by'akavuyo aho imbaraga zitagaragara zigerageza guhungabanya iterambere ryawe. Hagarara wemye urebe agakiza k'Uwiteka!

Iyo Yesu yinjiye mu kibazo, urujijo rurashira, guhangayika bigashira, kandi umugambi w'Imana ugashyirwaho. Amahoro ye arinda umutima n'ubwenge, kandi agakomeza umwuka wawe. N'iyo ubuzima bwazamo imiraba, igikomangoma cy'amahoro gihagarara kidahungabanywa. Aguha amahoro aturuka ku ntsinzi ye, adaturutse ku bihe byawe.Ayo mahoro ni umurage wawe utavuguruzwa.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Yesu, nakriye kubaho kwawe mu bice byose by'ubuzima bwanjye. Cecekesha buri muyaga, uhagarike guhangayika kose n'ubwoba, kandi unsubize amahoro yanjye! Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Igikomangoma cy'amahoro gitegeka ubuzima bwanjye. Buri muraba uzapfukama. Umutima wanjye wuzuye ituze ridasanzwe riturutse ku Mana mu Izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Yohana 14:27

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'197
Nehemiya 4-6; Abaroma 8:1-21



ARADUHAGIJE

2 Abakorinto 3:5
Si uko twihagije ubwacu ngo dutekereze ikintu cyose nk'aho ari twe cyaturutseho, ahubwo tubashishwa n'Imana.

Ndakubwiza ukuri yuko, nk'umuhanuzi w'Imana, ko guhaga nyakuri kutaboneka mu mpano, mu by'ubutunzi, mu mibanire, cyangwa mu mbaraga. Kuboneka muri Kristo wenyine. Yesu ni we soko y'ibyo ukeneye byose kugira ngo usohoze umugambi w'Imana ku buzima bwawe. Iyo ubushobozi bwawe bugabanutse, ubuntu bwe burukuzuza. Iyo ibyo ufite bigabanutse,ubutunzi bwe burakuzuriza. Iyo ibitekerezo byawe bigushiranye, ubwenge bwe bukubera.

Yesu arahagije rwose. Uko urushaho kumwishingikirizaho, ni ko imbaraga ze zigaragara mu buzima bwawe. Ibyo utekereza nk'intege nke zawe si igihombo; ni amahirwe yo kugira ngo guhaza kwe kugaragare. Yuzuza icyuho cyose, akomeza intege nke zose, kandi agatanga ibyo ukeneye byose. Nta cyo uzabura kuko Kristo aguhagije muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, naretse kwishingikiriza ku bushobozi bwanjye ahubwo nishingikirije ku buntu bwawe. Uzuza buri cyuho cyose, usimbuze intege nke zanjye imbaraga zawe, umpe ibyo nkeneye byose, kandi unshoboze gusohoza umugambi wawe! Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mwami Yesu, ndatura ko uri wowe umpagije. Mfite ibyo nkeneye byose muri wowe, kandi nta gice na kimwe cy'ubuzima bwanjye kizagira icyo gikena. Mbayeho mfite byose kugira ngo mbe umugisha ku rubyaro rwanjye mu Izina rya Yesu. Uwiteka ahimbazwe!

IBINDI BYANDITSWE
Abafilipi 4:13

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'198
Nehemiya 7-9; Abaroma 8:22-39



ISOKO RY'UBUZIMA BWIZA

Yesaya 53:5
Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.

Ubuzima bwiza bw'Imana si ukubaho udafite indwara gusa. Ahubwo ni ugutemba guhoraho kw'ubuzima bwa Kristo mu mibiri yacu. Umwami Yesu yabaye ugukira kwacu binyuze mu kubabazwa kwe. Imibyimba ye yaguze ibirenze gukira indwara; yatanze ubuzima bw'imbaraga zidasanzwe, ubuzima bwiza, n'ubutungane bwuzuye.
Ubuzima bw'Imana busobanura ko umubiri wawe utegekwa n'ubuzima bw'Umwuka aho gutegekwa n'intege nke z'umubiri. Yesu ni isoko y'ubu buzima. Iyo ugumye muri we, ubuzima bwe bugutemberamo, bukagusubizamo imbaraga, bugakosora ibyangiritse—harimo n'ingingo zikomeye z'umubiri wawe—kandi bugahagarika indwara. Ntabwo urwanira kugira ubuzima bwiza; ahubwo uri gushyira mu bikorwa ibyo Yesu yamaze kukugurira. Haleluya!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nakiriye ubuzima bwiza buturuka mu murimo Kristo yarangije. Ku bw'imibyimba ye, umubiri wanjye ufite ubuzima buzira umuze, ufite imbaraga kandi uratumganye mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwa Yesu buntemberamo. Ngendera mu buzima buzira umuze, imbaraga, n'ubuzima bwuzuye buri munsi w'ubuzima bwanjye. Nta ntwaro y'umwijima yagenewe kundwanya izantsinda mu Izina rya Yesu. Amen.

IBINDI BYANDITSWE
1 Petero 2:24

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'199
Nehemiya 10-11; Abaroma 9:1-15



UBUTUNZI BUTAZANA AGAHINDA

Imigani 10:22 (
Umugisha w'Uwiteka ni wo utungisha, kandi nta gahinda awongeraho.

Ubutunzi bw'Imana butandukanye n'ubw'isi. Ubutunzi bw'isi akenshi buzana n'imihangayiko, uburiganya, n'ubwoba bwo kubutakaza. Ariko iyo Imana itungishije umuntu, yongeraho amahoro, ibyishimo, n'ubudahangarwa bwo mu mwuka. Ubutunzi bw'Imana bukora ku bice byose by'ubuzima: iby'imari, imibanire, ubuzima, intumbero, n'impinduka uzana mu bandi. Aburahamu, Isaka, na Yozefu babaye abatunzi kubera umugisha w'Imana, ntibyari ukubera ubwenge bw'abantu.

Ubutunzi si kwegeranya amafaranga gusa; ni ubushobozi bwo gusohoza umugambi w'Imana nta mubabaro. Imana yishimira gutungisha abana bayo kugira ngo babe inzira z'iyubakwa ry'ubwami bwayo kandi bahinduke ubuhamya bw'ubugwaneza bwayo. Iyo Imana igutungishije, n'imiyaga ntishobora kurohamisha umugisha wawe, kandi abanzi ntibashobora guhungabanya iterambere ryawe. Ndabona ubutunzi bwinshi busukwa mu muryango wawe; nta cyiza na kimwe uzabura muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nakiriye umugisha untungisha kandi utazanye n'agahinda. Npindura umutunzi mu buryo bwuzuye mu mwuka, mu mutima, mu mubiri, no mu byo ntunze kugira ngo mbe ubuhamya bw'ubugwaneza bwawe muri uyu mwaka. Amen!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umugisha w'Uwiteka uri ku buzima bwanjye, urantungisha kandi nta gahinda wongeraho. Ubutunzi bwanjye burarinzwe mu Izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 112:1–3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 200
Nehemiya 12-13; Abaroma 9:16-33



GoodNews DAILY

IMBARAGA Z'IMANA ZITAGIRA UMUPAKA

Yeremiya 32:17
Yewe Mwami Uwiteka, dore ni wowe waremesheje ijuru n'isi ububasha bwawe bukomeye n'ukuboko kwawe kurambuye, nta kintu na kimwe kikunanira.

Imana ntisobanurwa. izengurutswe n'ukubaho kwayo ubwayo, kandi imbaraga zayo ntizigira imipaka, ntizizitirwa, kandi ntizihungabanywa n'ibidashoboka byo ku isi. Iravuga, isi ikabaho; irageka, imisozi ikabaho. Ibitera ubwoba abantu kuri Yo biroroshye. Imbaraga zayo zihinyuza imyumvire y'abantu, zihindura imyanzuro, zigarura iby'ahazaza byangiritse, kandi zigakora ibyo imbaraga z'abantu zitashobora.

Iyo imbaraga z'Imana zikora, inzitizi zivaho, n'iminyururuigacika. Imana yarebye mu busa iremamo ikintu cyitwaisi, hanyuma ibwira icyo kintu kuguma aho, nubwo nta "aho" hariho cyari kuguma, maze isi irumvira.

Bavandimwe, imbaraga z'Imana ntizigabanuka bitewe n'igihe cyangwa ibiri kuba; zihora ari zimwe iteka ryose. Imana isaba gusa ko wizera ko ari Imana yawe muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Uwiteka, niringira imbaraga zawe zitagira imipaka. Rambura ukuboko kwawe gukomeye ku buzima bwanjye. Senya buri nzitizi, uce buri munyururu, kandi uhindure buri kidashoboka mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imbaraga z'Imana zitagira imipaka zikorera mu buzima bwanjye. Buri kidashoboka gipfukama imbere y'ubutware bwayo. Ndi ku ruhande rw'intsinzi; hamwe n'Imana ndi umutsinzi mu Izina rikomeye rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
Luka 1:37

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 201
Esiteri 1-2; Abaroma 10



UBUFASHA BUHORAHO ITEKA

Zaburi 46:1
Imana ni yo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu, Ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba.

Yesu ntarebera kure. Ni umufasha uhora hafi, ukwegereye bihagije ku buryo ahita agufasha igihe umuhamagaye. Ubufasha bwe ntibutinda kubera intera, ntibuhagarikwa n'ibihe, kandi ntibugabanywa n'imbaraga zawe. Yaba ikibazo cy'amarangamutima, icy'umwuka, cyangwa icy'umubiri, Yesu arahagaze nk'umufasha wawe wihuse. Hamwe na Yesu, umuryango wawe ntuzasenyuka, ubucuruzi bwawe ntibuzahomba, kandi iby'imari byawe ntibizagwa.

Yesu agendana nawe mu muriro, muragendana mu muyaga, ndetse mu kibaya kiri imbere yawe. Ubufasha bwe buzira gihe, ni ubudasanzwe, kandi buhwanye neza n'icyo ukeneye. Ibiguhangayikisha kuri wowe, kuri we si ikibazo. Iyo ubuzima bugerageje kukumenagura, ubufasha bwe burakomeza. Iyo ibintu bisa n'ibidashoboka, ubufasha bwe bubibonera inzira. Yesu si umufasha gusa; ni Umufasha wawe, wizerwa, uhari, kandi utananirwa.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Yesu, nkwirukira nk'ubuhungiro n'imbaraga zanjye. Injira muri buri kibazo mpura nacyo mu marangamutima, mu mwuka, no mu mubiri. Rinda umuryango wanjye kandi ukomeze ubucuruzi bwanjye! Amen!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinzatinya, kuko Yesu ari kumwe nanjye iteka. Yesu ni igitare gikomeye mpagazeho. Sinzigera ntsindwa mu bucuruzi bwanjye; ubuzima bwanjye buzuzura inkuru nziza uko ninjira n'uko nsohoka! Hahirwa Uwiteka!

IBINDI BYANDITSWE
Abaheburayo 13:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 202
Esiteri 3-5; Abaroma 11:1-18



UBWIZA BUDUHINDURA

Zaburi 27:4
Icyo nsaba Uwiteka ni kimwe ni cyo nzajya nshaka, Ni ukuba mu nzu y'Uwiteka iminsi yose nkiriho, Nkareba ubwiza bw'Uwiteka, Nkitegereza urusengero rwe.

Yesu ni ishusho nyayo y'ubwiza bw'Imana: atunganye mu kwera, acyeye mu bwiza, kandi nta wamuruta. Uko urushaho kumuhanga amaso, ni ko ubwiza bwe buguhindura. Ukubaho kwe gutunganya imico yawe, gusukura intego zawe, kandi kukavugurura umwirondoro wawe. Ibyo isi yita ubwiza birashira, ariko ubwiza bwa Yesu ni ubw'iteka kandi burushaho kwiyongera.

Ubwiza bwe buhindura isoni bukazigira icyubahiro, bunindura ibyabaye ivu bikavamo ubwiza, n'ibyangiritse bikavamo ubuzima bwuzuye. Iyo umara igihe mu kubaho kwe, kamere ye itangira kugaragara mu buzima bwawe. Uhinduka umunyamahoro, ukagira imbaraga, ugahinduka umweranda, kandi ugaca umucyo. Yesu ntatunganya ubuzima bwawe bwo hanze gusa, ahubwo atunganya n'imbere muri wowe akakuzuza ibyishimo, amahoro, ubuntu, n'igikundiro.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Yesu, uko ndeba ubwiza bwawe, hindura ubuzima bwanjye. Sukura intego zanjye, vugurura umwirondoro wanjye, kandi tunganya imico yanjye n'ubwiza bwawe, ubuntu bwawe, amahoro, n'igikundiro. Amen!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubwiza bwa Yesu buri ku buzima bwanjye. Ubuzima bwanjye buragaragaza ubwiza bwe, ubutungane bwe, n'ubuntu bwe mu Izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
2 Abakorinto 3:18

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 203
Luka 14:1-24; Zaburi 77-78



UWANDITSE AHAZAZA HACU

Abaheburayo 12:2
Dutumbira Yesu wenyine, ari we banze ryo kwizera kandi ari we ugusohoza rwose, yihanganiye umusaraba ku bw'ibyishimo byamushyizwe imbere ntiyita ku isoni zawo, yicara iburyo bw'intebe y'Imana.

Ahazaza hawe hatangirira kuri Yesu, si ku migambi y'abantu. Mbere y'uko uremwa, yanditse umugambi wawe, ategura inzira yawe, kandi agena intsizi zawe. Yesu ni we ntangiriro n'iherezo. Icyo atangiye aragikomeza, kandi icyo akomeje aragisoza. Ntabigusiza inyuma byahagariko icyo yakuvuzeho, nta gutinda kwahindura icyo yagennye, kandi nta mwanzi ushobora guhindura ahazaza hawe.

Iyo uhanga amaso kuri Yesu, urujijo rurashira. Arakuyobora, akakwereka inzira, aragukosora, aragukomeza, kandi akagusubiza aho ukwiriye kugeza ubuzima bwawe buhuye n'ibyanditswe n'ijuru. Muri Yesu, ahazaza hawe ntihashidikanywaho: hararinzwe, hashinganye, kandi haratunganye. Bizaba umurimo mwiza wuzuye Yesu narangiza ibyo yatangiye muri wowe muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ni wowe watangiye kandi uzasohoza ahazaza hanjye. Nyobora mu nzira yanjye, komeza umugambi wawe muri njye, cecekesha abanzi bose, kandi usohoze ibyo wagambiriye ku buzima bwanjye. Amen!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ahazaza hanjye handitswe kandi hasozwa na Yesu. Nta kintu na kimwe gishobora guhagarika ibyo yateganyije ku buzima bwanjye! Imana Ishimwe!

IBINDI BYANDITSWE
Abafilipi 1:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 204
Esiteri 6-8; Abaroma 11:19-36



KURAMYA GUFUNGURA IJURU

Yohana 4:23
Ariko igihe kiraje ndetse kirasohoye, ubwo abasenga by'ukuri basengera Data mu Mwuka no mu kuri, kuko Data ashaka ko bene abo ari bo bamusenga.

Kuramya si indirimbo gusa; ni ikirere gikurura ibikorwa by'Imana. Kuramya nyakuri gufungura ijuru kandi kugatumira Imana ngo igaragaza imbaraga zayo. Iyo umutima wawe uciye bugufi imbere yayo mu kuri, Imana yinjira mu kibazo cyawe n'ubutware budasanzwe. Kuramya kugushyira mu murongo w'umutima wayo.Bisenya imbaraga z'umwuka zikurwanya kandi bigashyiraho inzira y'ibitangaza.

Mu gihe nateguraga inama n'ibiterane bikomeye, nabonye ko ibitangaza byinshi no gukira kudasanzwe biboneka iyo hari ikirere cyo kuramya. Kuramya gukuraho ibirangaza ibitekerezo kandi kukazamura Imana kugeza aho ibibazo byawe biba bito ugereranyije nayo. Iyo kuramya kuzamutse, ijuru risubiza. Reka uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe ube umwaka wuzuye kuramya.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, uko nkuramya mu mwuka no mu kuri, fungura ijuru ku buzima bwanjye. Garagaza imbaraga zawe, ohereza intsizi, kandi reka ibitangaza bitembe mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko nsenga mu mwuka no mu kuri, ijuru rizafunguka ku buzima bwanjye, kandi Imana izinjira mu kibazo cyanjye n'imbaraga mu Izina rya Yesu. Haleluya

IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 22:3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 205
Esiteri 9-10; Abaroma 12



IMANA IRI HEJURU YA BYOSE

Zaburi 145:3
Uwiteka arakomeye ni uwo gushimwa cyane, Gukomera kwe ntikurondoreka.

Gukomera kw'Imana ntikugira umupaka. Ubwenge bw'umuntu busanzwe ntibushobora gusobanukirwa neza ubujyakuzimu bw'ubwenge bwayo, uburebure bw'imbaraga zayo, cyangwa ubugari bw'ubwiza bwayo. Ariko uri ikiremwa kidasanzwe, uri uwo mu ijuru, kuko ufite ubwenge bwa Kristo! Ibyo ikora byose bigaragaza ubuhanga, haba mu kurema, mu gukiza, cyangwa se mu kudutunga buri munsi.

Gukomera kw'Imana ntigushobora kumenywa kose, ariko igaragaza ibihagije kugira ngo ukwizera kwawe gukomere. Iyo ubuzima bukomeye, ujye wibuka ko Ufite inyenyeri mu maboko ye ari we ufite ubuzima bwawe. Uha inkuba imbaraga n'umurabyo kunyaruka ari kumwe nawe, kandi nta kintu kinini kiruta mbaraga zayo kandi nta gito ku buryo itabasha kukibona. Gukomera kwayo gutuma nta sezerano ribura gusohora, nta ntambara igutsinda, kandi nta gihe gihunga ubuyobozi bwayo. Ishime, nturi uwatsinzwe ahubwo uri umutsinzi!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana ikomeye ihebuje byose, garagaza gukomerakwawe mu buzima bwanjye. Tsinda buri mbogamizi kandi ukore ibidashoboka. Reka imbaraga zawe zitegeke buri kibazo mu buzima bwanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubukuru bw'Imana bukikije ubuzima bwanjye. Imbaraga zayo zitagereranywa zinkorera, kandi nta kidashoboka kuri Yo mu Izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Yeremiya 32:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 206
Yobu 1-2; Abaroma 13



GUSHIMA GUSHYIRA IMANA KU NTEBE Y'UBWAMI

Zaburi 22:3
Mana yanjye ntakira ku manywa ntunsubize, Ntakira na nijoro simpore.

Guhimbaza si ibyo kwidagadura. Ni ugushyira Imana ku ntebe y'ubwami. Iyo uhimbaza Imana, uyiha umwanya wo gutegeka ibyo uri kunyuramo. Gushima guhinduraikirere cy'aho uri, gukuraho ibiremereye, kandi kuzana kubaho kw'Imana mu byo uhura nabyo. Guhindura intumbero yawe ikava ku ntambara ikajya ku Utajya atsindwa.

Guhimbaza Imana ntibishingira kuko wiyumva. Gushingira kuko Imana iri. Iyo uzamuye amashimwe akomeye, abamarayika baragenda maze Imana ikagaragaza imbaraga zayo. Gushima guhamagaraubutware bwayo, ubwenge bwayo, n'intsinzi yayo mu buzima bwawe. Nta hantu haguma uko hari iyo Imana yicaye ku ntebe. Reka uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe ube umwaka w'amashimwe adasanzwe ava mu kanwa kawe ajya ku Muremyi wawe, maze urebe uko ibintu bihinduka mu buzima bwawe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, uko nguhimbaza, wicare ku ntebe y'ubwami mu buzima bwanjye. Reka imbaraga zawe zigaragare, ubwiza bwawe buboneke, kandi utegeke ibyo nyuramo byose mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko nshima Imana, kubaho kwayo kuzuza ubuzima bwanjye. Yicaye ku ntebe y'ubwami itegeka ibyo nyuramo byose, kandi intsizi iragaragara mu buzima bwanjye mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 47:6-7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 207
Yobu 3-4; Abaroma 14



IMANA ITAJYA ITSINDWA

Kuva 15:3
Uwiteka ni intwari mu ntambara, Uwiteka ni ryo zina rye.

Kuva mu iteka ryose ry'ahahise kugeza iteka ryosery'ahazaza, Imana ntiyigeze itsindwa intambara n'imwe. Buri rugamba rugaragara mu Byanditswe rwerekana ubutware bwayo. Yatandukanije inyanja kugira ngo abayo bayambuke, hanyuma irimbura ingabo za Farawo, umwanzi wabo. Yaguye inkuta, icecekesha intare, kandi itsinda ingabo idafashe inkota. Intsinzi zayo ziruzuye.

Amateka y'Imana yo kudatsindwa ni yo cyizere cyawe. Iyo iguhagurutse ku bwawe, gutsindwa ntibishoboka. Intambara ziboneka nk'iziguhangayikisha kuri wowe ntacyo ziri cyo imbere y'utegeka inyenyeri. Ntabwo yigira ku mwanzi wawe; umwanzi wawe arahinda iyo yumvise izina ryayo.

Guma muri uku kuri: Imana ikurwanirira ntiyigeze itsindwa. Bibiliya ivuga ngo Imana ihaguruke, abanzi bayo basandare! Buri kintu cyose cyahagurukira ahazaza hawe kizagwa nka Goliyati, gitsinzwe n'imbaraga z'Imana muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, uri "intwari ku Rugamba". Haguruka undwanirire. Rwana intambara zose, cecekesha abanzi bose, hindura gutsindwa kose, kandi ugaragaze intsinzi idashobora guhagarikwa mu buzima bwanjye mu Izina rikomeye rya Yesu. Amen!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana itajya itsindwa irandwanirira. Mfite Umutekinisiye w'idasanzwe uri ku ruhande rwanjye. Intsinzi ni iyange, kandi gutsindwa ntibishoboka kuri njye muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 24:8

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI W'208
Yobu 5-7; Abaroma 15:1-13



KUZANA UBUGINGO KURI KRISTO: NIHO UMUTIMA W'IMANA UTERERA

Luka 19:10
kandi Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye.

Kuzana ubugingo kuri Kristo ni ho umutima w'Imanauterera. Umurimo wa Yesu wose ku isi wari ugamije kugarura abantu kuri Data. Iyo tuzanye ubugingo kuri Kristo, tuba tugiye mu murongo umwe n'icyo ijuru rishyira imbere kurusha ibindi byose. Buri sengesho, ubutumwa, n'igikorwa cy'urukundo ni amahirwe yo kuvana umuntu mu mwijima tukamwinjiza mu mucyo wa Kristo.

Kuzana ubugingo kuri Kristo si ibya bamwe gusa cyangwa abapasiteri n'abavugabutumwa bonyine. Ni inshingano ya buri Mukristo. Ijuru ririshima ku bugingo bwose bwegerejwe Imana. Iyo uhamya Yesu, ijuru riragushyigikira, Umwuka Wera aragukomeza, kandi Yesu ubwe aba ari kumwe nawe Nta kintu kizanira Imana umunezero udasanzwe nko kubona abana bayo batabara abazimiye.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, koneza umuriro w'ishyaka ryo kuzana ubugingokuri Kristo muri njye. Urakoze gushyugikira ubuhamya bwanjye, kuyobora intambwe zanjye, gufungura imitima,no gukoresha ubuzima bwanjye mu gutabara abazimiye buri munsi. Reka ubuzima bwanjye bukurure abantu kuri Kristo aho njya hose mu Izina rikomeye rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Niteguye kandi ndahari ngo nkoreshwe nk'uzanaubugingo kuri Kristo neza kandi nk'umuhamya ushize amanga wa Kristo. Abantu bagera Kristo uko nkurikira kuyoborwa n'Umwuka Wera. Binyuze muri njye, ubugingo burakizwa bukinjizwa mu mucyo wa Kristo.

IBINDI BYANDITSWE
Yohana 15:16

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 209
Yobu 8-10; Abaroma 15:14-33



ITERAMBERE RIDASANZWE

2 Abakorinto 9:10
Iha umubibyi imbuto n'imitsima yo kumugaburira ni yo izabaha, ibongerere imbuto zanyu zo kubiba kandi igwize imbuto zo gukiranuka kwanyu.

Imana ntitanga imbuto gusa, ni na yo igwiza imbuto. Iyo ushyize ibyo ufite mu maboko yayo, ituma byiyongera birenze ubushobozi busanzwe. Ukwiyongera kwayo ntiguhagarikwa n'ubukungu, aho ukomoka, cyangwa ubushobozi bw'umuntu. Imana yagwije amavuta y'umupfakazi iracyakomeza kugwiza ibyo abana bayo bashyikirije mu kwizera.

Ukwiyongera ni ihame rikora ku bantu bubaha Imana mu byo bafite kandi bakizera itangwa ryayo ridasanzwe. Imbuto yawe ishobora kuba nto, ariko mu maboko y'Imana ifite ubunini. Tegereza ukwiyongera kudasanzwe ku by'imari byawe, ku bitekerezo byawe, ku mahirwe yawe, ku ngaruka ugira ku bandi, no ku byo ukora. Ukwiyongera si impanuka; ni ihuriro ry'iby'umwuka n'ibisanzwe bitanga umusaruro utegereje muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nshyize imbuto yanjye mu maboko yawe. Yihumekereho umwuka wawe kandi uyigwize irenze imipaka isanzwe. Amen!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana igwiza imbuto yanjye, yongera ubushobozi bwanjye, kandi ituma ukwiyongera kudasanzwe gutembera mu bice byose by'ubuzima bwanjye mu Izina rya Yesu. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE
Luka 6:38

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 210
Luka 14:25-35; Zaburi 79-80



UBWIZA BUGARUWE

Hagayi 2:9
Ubwiza bw'iyi nzu bwo hanyuma buzaruta ubwa mbere, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, kandi aha hantu nzahatangira amahoro." Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.

Intambara z'ubuzima rimwe na rimwe zishobora kwiba icyizere, ishyaka, n'amahirwe. Ariko Imana isubiza ubwiza. Ntigarura gusa ibyo byatakaye; ahubwo irabigwiza kandi igatuma ibya nyuma biruta ibyabanje. Abisirayeli barize kubera ubwiza bw'urusengero rwa Salomo bwari bwarashize, ariko Imana ibasezeranya urusengero rushya rufite ubwiza burenze. Uko ni ko Imana ikora: ibyakubabaje byo mu gihe cyashize ntibisobanura ibihe bizaza.

Iminsi yawe myiza ntiba iri inyuma yawe mu giihe Imana iri kumwe nawe. Isubiza icyubahiro, imbaraga, icyerekezo, n'umuriro wo mu mwuka. N'iyo igihe cyawe cyashize cyari kirimo isoni cyangwa gutinda, igihe gikurikiyeho kizaba kirimo ubwiza burenze. Itegure kuzamurwa n'Imana, gutera imbere kudasanzwe, n'icyubahiro gishya muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, garura ubwiza bwanjye. Reka ibishya uri gukora mu buzima bwanjye bigaragare kugira ngo bose babone ubwiza bwawe. Cecekesha impaka zose kandi urangize impaka zose kugira ngo abanzi banjye bagire isoni mu Izina rikomeye rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubwiza bwanjye bwo hanyuma buzarenza ubwabanje. Imana izagarura ibyo natakaje byose kandi ibigwize mu Izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Yoweli 2:25–26

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 211
Yobu 11-13; Abaroma 16



IMBARAGA Z'ISENGESHO RIHORAHO

Luka 18:1
Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe.

Isengesho niryo mwuka umukristo ahumeka ni isoko y'imbaraga z'itera intsinzi mu mwuka. Buri uko usenze, uhamagara ubuyobozi bw'ijuru mu bikorwa byo ku isi. Isengesho rihoraho risenya inzitizi zo mu mwuka, rikuraho imipaka itagaragara, kandi rigategura inzira y'ibyo Imana yamaze guteganya ku buzima bwawe. Yesu yigishije ko gucika intege bitangirira aho isengesho rirangirira. Ni yo mpamvu gukomeza gusenga atari amahitamo; ni ngombwa.

Iyo witoje ubuzima bwo gusabana n'Imana buri gihe, umwuka ukikije ubuzima bwawe wuzura imbaraga zayo. Ibyatinze bica bugufi imbere y'isengesho rihoraho, kandi ibihome birasenyuka munsi y'imbaraga z'umwuka zihoraho. Imana ntinyeganyezwa n'ubwoba, ahubwo inyeganyezwa n'ukwizera guhoraho kugaragarira mu isengesho. Reka isengesho ribe imibereho yawe ya buri munsi, ntiribe igisubizo cy'akanya gato, muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mpagaze imbere y'intebe y'ubuntu kugira ngo mpabwe imbaraga zo gukomeza gusenga mbishyizeho umutima. Binyuze mu Mwuka wawe, nzasenga kugeza mbonye igitangaza cyanjye. Umuhamagaro wanjye uzagera ku rwego rudasanzwe uko nsenga ubudasibamuri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko niyemeje gusenga ubudasiba, buri kibazo kinangiye mu buzima bwanjye gica bugufi imbere y'imbaraga z'Imana mu Izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
1 Abatesalonike 5:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 212
Yobu 14-16; 1 Abakorinto 1



IMPINDUKA ZO MO IMBERE

Abaroma 9:10
Kandi si ibyo gusa, ahubwo na Rebeka ubwo yari afite inda atwitswe n'umwe, ari we Isaka sogokuruza.

Abakristo benshi batekereza ko kuba umuntu mushya muri Kristo bivuze ko ugomba kwiyeza, ugakoresha imbaraga nyinshi ngo unezeze Imana, kandi ntukore ikosa na rimwe. Iyi mitekerereze ituma benshi bananirwa mu rugendo rwabo kuko si ko kuri. Ukuri ni uko tutahamagariwe kubaho ubuzima bushya dukoresheje imbaraga zacu. Ako ni akazi ka Mwuka Wera.

Umurongo w'uyu munsi ukwibutsa ko Kristo ari muri wowe kandi Umwuka We wonyine ni wo uguhindura mo imbere bikagera n'inyuma. Rero, rekeraho kwisunikira impinduka. Ahubwo, reka Mwuka Wera atangize impinduka muri wowe. Utitaye kuko uri gutekereza ko bikomeye, reka Imana ikore imirimo yayo idasanzwe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data Mwiza, urakoze kumpindura uhereye mo imbere. Kubw'Umwuka wawe ndahindutse kandi mpawe umugisha mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinzarambirwa mu rugendo rwanjye rw'ubukristo. Kristo uri muri njye arankomeza, atuma ntaneshwa kandi ampa intsinzi muri byose nkora uyu munsi!

IBINDI BYANDITSWE
Abagalatiya 2:20

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 213
Yobu 17-19; 1 Abakorinto 2



UBWENGE BURUTA AMABUYE Y'AGACIRO

Imigani 8:11
Kuko ubwenge buruta amabuye ya marijani, Kandi mu bintu byifuzwa byose nta gihwanye na bwo.

Nahuye n'abagabo n'abagore benshi bafite ubumenyi muri iyi myaka maze mu murimo w'Imana. Bamwe bafite impamyabumenyi z'ikirenga mu masomo akomeye, abandi bafite ibihembo bahawe kubera ubushobozi bw'imitekerereze yabo ihambaye. Ariko nubwo bafite ubwo buhanga bwose, Bibiliya yigisha ko ubwenge buruta ibyo byose. Ese kubera iki? Kuko ubwenge ari ihishurirwa, ni umuryango ukwinjiza mu kuri kw'ubumana.

Iyo ugendera mu bwenge, ntushobora kuyobywa n'imikorere y'iyi si; ntushobora gutsindwa n'abagendera ku buhanga bwo mu isi. Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, usobanukirwe ko Kristo ari ubwenge bwawe ukurikije icyanditswe cyo mu 1 Abakorinto 1:30. Ibyo bivuze ko udakora nk'abantu basanzwe, ukomoka ahantu hadasanzwe kandi hafite ubushobozi busumbye ubwo mu isi. Ukore nk'uko uri uhereye none!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Urakoze, Mwami, kumpa ubwenge bw'ubumana no kunyuzuza gusobanukirwa kw'umwuka. Kubera ibi, njyendera mu butsinzi iteka ryose mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite intwaro y'ubwenge, mbona ibyo abandi batabona. Ubutinzi buhishwe ni ubwanjye, ubumenyi bw'ubuzima bw'ubumana ni ubwanjye. Sinzakena cyangwa se ngo ntsindwe icyo ari cyo cyose. Icyubahiro ni icy'Imana!

IBINDI BYANDITSWE
1 Abakorinto 2:7-8

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 214
Yobu 20-21; 1 Abakorinto 3



ITA KU KURAMYA

Yohana 4:24
Imana ni Umwuka, n'abayisenga bakwiriye kuyisengera mu Mwuka no mu kuri.

Iyo Abakristo bamwe bumvise ijambo kuramya, ikibaza mu mutwe mbere ni indirimbo z'Imana zigenda gake. Kuramya biruta ibyo. Reka mbereke ubusobanuro bwabyo.

Kuramya ni uguha agaciro no kwishimira ineza, imigisha, ubugwa neza no gukiranuka kw'Imana. Uko uramya, uvuga kamere yayo. Urugero, iyo uvuze ngo, "Mana, uri mwiza; ugwa neza," n'ibindi, uba uri gusobanura, guha agaciro no kwishimira kamere Yayo.

Imana ikunda ko uyiramya uko kuko bigaragaza uko Iri mu buzima bwawe; biyitandukanya na buri umwe wese cyangwa buri cyose kiri mu buzima bwawe. Byisumbuyeho, kuramya bizana ihishurirwa rihambaye ku Mana. Muri ubu busabane, Imana irakwihishurira. Iguhishurira ndetse n'ahazaza hawe, ubuzima bwawe, n'ibindi byinshi. Abaramyi b'ukuri ntibajya babura icyerekezo. Ubihe agaciro kurushaho, maze bizahindura ubuzima bwawe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana nziza, nsobanukiwe kandi ngushimiye kubwo gukiranuka kwawe, ineza, urukundo, ndetse n'ubuntu bwawe bukora mu buzima bwanjye. Ndagushimiye mbikuye ku mutima ukuramya byuzuye mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri uyu mwaka, ubuhamya butangaje kandi buhebuje buzakomeza kuba umugabane wanjye kuko umutima wanjye wuzuye kuramya. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE
Abafilipi 3:3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 215
Yovu 22-24; 1 Abakorinto 4



AMAVUTA ADASANZWE ATEMBA

Yesaya 28:21
Uwiteka azahaguruka nk'uko yahagurutse ku musozi Perasimu, azarakara nk'uko yarakariye mu kibaya cy'i Gibeyoni ngo akore umurimo we, ari wo murimo we w'inzaduka, uwo murimo we w'inzaduka azawusohoza.

Iyo ubajije abantu niba bizera ko Imana yaremye isanzure cyangwa yazuye Yesu mu bapfuye, benshi bazaguhamiriza ko babyizera ntagushidikanya. Ariko kubw'impamvu zimwe na zimwe, iyo bigeze ku kwizera ko izo imbaraga zakora mu buzima bwabo, benshi bashidikanya ku Mana.

Mu Baheburayo 13:8 haravuga hati, "Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari kandi ni ko azahora iteka ryose." Imana y'ibitangaza bidasanzwe ntiyahindutse. Iracyari ya Mana ifashe imfatiro z'isi, itegeka igitondo, kandi igashyira ku murongo inyenyeri mu kirere nijoro. Iracyari ya Mana yatandukanyije inyanja Itukura, yahagaritse izuba, kandi ihumura impumyi. Buri murimo udasanzwe yakoraga kera, n'ubu Iracyawukora.

Iyibutse ibi buri munsi uzabona amavuta y'Imana adasanzwe atemba muri uyu mwaka!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Urakoze, Data, kuko uhora ukora n'aho ntabasha kubona kubwanjye ugakora imirimo idasanzwe. Ndagushimiye by'ukuri mu Izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kubw'amavuta adasanzwe ari kuri njye, ndatura ko buri mugisha wanjye wose wari uri mu nzira kwigaragaza nonaha udatinze!

IBINDI BYANDITSWE
Yeremiya 32:27

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 216
Yobu 25-27; 1 Abakorinto 5



NABIKORA!

Luka 9:16-17
Yenda ya mitsima itanu n'ifi ebyiri, arararama areba mu ijuru, arabishimira, arabimanyagura abiha abigishwa be ngo na bo babīshyire abo bantu. Nuko bararya bose barahaga, bateranya ubuvungukira busigaye bwuzura intonga cumi n'ebyiri.

Uyu ni umwe mu mirongo ikomeye igaragaza ibyo Imana yabasha gukora ukoreshee ibintu bike cyane. Ni bangahe bari gusoma iyi nyigisho aka kanya bumva badashoboye, babuze ibyiringiro, cyangwa se bari guhura n'ikibazo kibakomereye bumva babuze imbaraga imbere yacyo? Igisubizo ni ukureba ibyo ufite ukoresheje amaso y'Imana. Yarebye imigati itanu n'amafi abiri, maze ibona ko bihagaije ngo bigaburire abantu ibihumbi.

Uko winjira mu munsi wawe, ntushyire imipaka kubyo Imana yakora. Ufite ubunararibonye mu mirimo idasanzwe uko yaba ingana kose. Ntuzatsinda, ntizatera imbere ngo ibyawe byikube gusa, ahubwo uzagira imigisha usaguka kugira ngo uyisangize n'abandi! Sakuza uti, "Nabikora!"

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana nziza, nzanye ibyanjye byose ngo ubikoreshe. Ibyo mpura nabyo byose, nziko nzabitsinda kuko ngufite.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri Kristo, nakora ibidashoboka. Nasiba ifunguro rya mu gitondo, rya kumanywa n'irya nijoro ariko sinabura ubushobozi bwo gukora imirimo ry'amavuta adasanzwe. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE
Abafilipi 4:13

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 217
Yobu 28-29; 1 Abakorinto 6



UMUHAMYA UKWIYE

Ibyakozwe n'Intumwa 1:8
Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka Wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya, no kugeza ku mpera y'isi.

Ibyanditswe nk'ibi bitwibutsa uko Data wo mu Ijuru adukunda.

Igihe Yesu yasubiye kwa Data, ntiyasize abantu be nta mbaraga bafite - yabasigiye isezerano rihamye. Ibi birenze umurimo; ni umuhamagaro uduhamagarira gusohoza intego zihambaye. Uwo Mwuka Wera wasize amavuta Yesu kugira ngo abwirize ubutumwa bwiza mu bakene, ahumurize abakomeretse, kandi abohore imbohe ni we muri twe. Ibyo bivuze ko tudafite ubutumwa bwiza gusa; ahubwo dufite ukubaho kwe.

Umaze kumenya ibi, biragoye ko wabyiherana! Reka buri kiganiro cyose ugize ku kazi cyangwa mu ishuri kibe amahirwe yo kugira ngo ijuru rigere ku isi binyuze muri wowe! Ntituri indorerezi mu Bwami bw'Imana; tugendana ijuru aho tujya, kandi tugomba kurisakaza hose. Ba umuhamya w'Imana uyu munsi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mbanje kugushima mbere ya byose ko unkunda cyane. Warakoze kumpa Umwuka wawe Wera umfasha kuba umuhamya ukwiye uyobora abandi kuri wowe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye ni ubuhamya bukwiye bwa Kristo. Uko mbaho, ndi urwandiko rugenda, ruvuga, kandi rufite ubuzima ruzana benshi kuri Kristo!

BINDI BYANDITSWE
Abaroma 10;13-14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 218
Luka 15:1-10; Zaburi 81-83



ESE IYEREKWA RYAWE NI IRIHE?

Imigani 29:18
Aho guhishurirwa kutari abantu bigira ibyigenge, Ariko ukomeza amategeko aba ahirwa.

Ndizera ko wabonye uko rimwe na rimwe mu ngo zacu, tugira cya cyumba kimwe kidafite icyo cyagenewe gihamye. Icyo cyumba rimwe kiba icy'abashyitsi, ubundi kikaba ububiko, aho kwiyogoshesheresa, aho dushyira ibyo kurya cyangwa se aho twanurira ibintu. Uku niko ubuzima bw'umuntu bushobora kumera iyo nta ntego ihamye yihaye. Biroroshye cyane kuzuza ubuzima bwawe ibidafite umumaro bikujyana ku kurimbuka. Kugira iyerekwa ni ukubona ahakeneye impinduka, ukamenya iyo mpinduka iyo ari yo, ikizahinduka, kandi ukifasha kugera kuri iyo mpinduka. Iyerekwa ni ikiraro gihuza aho uri uyu munsi n'aho ugomba kugera.

Nagombaga kugira iyerekwa rwa Spirit Embassy mu gihe nta kimenyetso gifatika cyagaragazaga ko izagera aho iri ubu, kandi uyu munsi niho turi nk'umusaruro waryo. Ese ni irihe yerekwa ufite ku buzima bwawe? Ryandike kandi urikurikize n'umutima wose.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data mwiza, mfasha kubaho ubuzima bufite iyerekwa kandi bufite intego buyobowe na Mwuka Wera. Nyobora mbashe kwirinda ubuzima burimo ibirangaza kandi mbeho nkorera Ubwami bw'Imana mu Izina rya Yesu, Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinzabura icyerekezo n'intego mu buzima bwanjye. Buri ntambwe ntera iyoborwa n'Imana kandi ingeza ku buhamya buhambaye kandi budasanzwe mu Izina rya Yezu!

IBINDI BYANDITSWE
Habakuki 2:2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 219
Yobu 30-31; 1 Abakorinto 7:1-19



INDANGAKEREZO NYAMUKURU

Zaburi 119:105
Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye, Ni umucyo umurikira inzira yanjye.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko umuntu adashobora kurenze metero 100 agenda ku murongo ugororotse mu gihe hatari urumuri cyangwa se imbago zashyizweho. Nyuma yo kugenda metero 100, atangira gutana no kugenda azenguruka aho yanyuze.

Dore isomo riri mu cyanditswe cy'uyu munsi: Iyo ushaka kumenya umugambi w'Imana n'icyerekezo yahaye ubuzima bwawe, wiga Ijambo ry'Imana. Ijambo ni umucyo, ni indangakerekezo yawe; iyo urikurikiye, ntuyoba mu nzira. Uzarenga kure ikigero cyagereranywa na "metero 100" zagenwe izo satani yashyize ku buzima bwawe.

Iyo ugumye mu Ijambo, amaso yawe y'umwuka arafunguka ukabona ibyo ukwiriye kubona. Uzamenya ibyo gukora no kuvuga muri buri nama y'abayobozi cyangwa se mu rukiko. Iga Ijambo ry'Imana, ntuzigera ubaririza uko umunsi wawe uri bugende. Ntakigutungura uyu munsi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data mwiza, urakoze kubw'impano y'Ijambo ryawe, ariryo tara rimurikira intambwe zanjye. Nizeye rwose mu buyobozi bwawe kandi nitondera Ijambo ryawe mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uhereye uyu munsi, amaso yanjye ahanze ku Ijambo ry'Imana ari ryo ndangakerekezo yanjye nyamukuru. Ninjiye mu ntsinzi yanjye idashira uyu munsi!

IBINDI BYANDITSWE
Imigani 3:5

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 220
Yobu 32-33; 1 Abakorinto 7:20-40



IJAMBO N'UMUTI

Matayo 12:37
Amagambo yawe ni yo azagutsindishiriza, kandi n'amagambo yawe ni yo azagutsindisha.

Amagambo ni intwaro zikomeye cyane mu isi. Irengagize kuba icyamamare, ubukire, cyangwa iby'agaciro: amagambo arabisumba. Intambara zaratangijwe kubera amagambo. Imiryango yarasenyutse, benshi barishwe, kandi ibihugu biheze mu bukene kubera amagambo.

Imana yaremye ibintu byose ikoresheje amagambo kandi ikomeza byose ikoresheje amagambo. Amagambo kandi niyo agena aho uzamara ubuzima bw'iteka. Umaze kumenya ibi, wakwibaza uti "Ni iki nakoresheje amagambo?" Ni gute wakoresha amagambo yawe uyu munsi?

Kimwe mu byo ugomba kwitoza ni ukuvugisha umubiri wawe - ugomba gukoresha amagambo yawe kugira ngo umubiri wawe ugire amagara mazima kandi ubeho ushyitse. Buri munsi ujye watura ko ukomeye kandi ubayeho ubuzima buzira umuze. Vugisha umubiri wawe, kandi uzakumva. Tutitaye ku byo umuganga yakubwiye; koresha amagambo yawe kugira ngo wongere umere neza. Umubiri w'umuntu ni nk'inyamaswa igomba gutozwa. Tegeka umubiri wawe ibyo ushaka ko ukora, uzatangira kumvira ibyo uvuga.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Urakoze, Data, kubw'ubuzima bwawe butemba muri njye. Njyendera mu buzima bw'ubumana no mu gukomera k'umubiri wanjye kuko ngufite.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mbohoye ubuzima bwanjye imivumo yose y'indwara kandi nkijije buri rugingo rwo mu mubiri wanjye rwashyizwe munsi y'igicaniro cya satani! Nta ndwara yangeraho mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
Imigani 18:21

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 221
Yobu 34-35; 1 Abakorinto 8



ABASAKAZA UBUNTU

1 Petero 1:1-2
Mwatoranijwe nk'uko Imana Data wa twese yabamenye kera mubiheshejwe no kwezwa n'Umwuka, kugira ngo mwumvire Imana muminjagirwe amaraso ya Yesu Kristo. Ubuntu n'amahoro bigwire muri mwe.

Ikintu kimwe uzabona kisubiramo mu nyandiko za Pawulo, iza Petero ndetse n'iza Yohana, ni uko bahoraga batekereza ku buntu n'amahoro y'Imana. Basobanukiwe akamaro k'imbaraga z'ubuntu n'amahoro mu buzima bw'abantu b'Imana. Mu cyanditswe cy'uyu munsi, Petero avuga birambuye atwereka ikintu kidasanzwe. Mu ntangiriro z'inyandiko ye, yaravuze ati "...Ubuntu n'amahoro bigwire muri mwe." Bivuze ko ubuntu n'amahoro bishobora kugwira, ariko se bishoboka bite?

Mu ntangiriro y'urwandiko rwe rwa kabiri, agaragaza igisubizo: biva mu kumenya Imana na Yesu Kristo Umwami wacu. Ubuntu bugwiriye bisobanuye ubwiza buhambaye, gutanga umusaruro mwinshi mu mirimo yawe, igikundiro, no kugubwa neza mu buzima bwawe, kandi ibyo bishoboka gusa iyo ukujije umubano wawe n'Imana. Ntibikugirira umumaro wenyine, ahubwo nawe, uhinduka usakaza ubuntu kuko ugaragariza abandi ubwo buntu.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Urakoze, Data, kubw'ubuntu n'amahoro bigwiriye mu buzima bwanjye binyuze mu Ijambo ry'Imana.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko nkura mu buntu no mu mahoro nkagura Ubwami bwa Data, ikirere cyanjye cy'umwuka kizakangara abo mu mahema y'umwanzi. Icyubahiro ni icy'Imana!

IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 1:7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 222
Yobu 36-37; 1 Abakorinto 9



BABARIRA GUSA

Abakolosayi 3:13
Mwihanganirana kandi mubabarirana ibyaha, uko umuntu agize icyo apfa n'undi. Nk'uko Umwami wacu yababababariye, abe ari ko namwe mubabarirana.

Birababaje ko, ikintu gikomerera Abakristo cyane ari ukubabarira. Abavutse ubwa kabiri, bavuga mu ndimi, bakora imirimo myinshi mu itorero, b'Abakristo cyangwa Abashumba basoma Bibiliya, babika inzika zikamara imyaka. Kandi ntahantu na hamwe Bibiliya igushyigikira mu kubika inzika no kutababarira ku mpamvu iyo ari yo yose.

Mu murongo w'uyu munsi, Pawulo yagaragaje neza uko ugomba gusubiza abantu iyo baguhemukiye cyangwa se bakurakaje. Kandi ubu ubuzima bwuzuye guhemukirwa, ni iby'ingenzi ko usobanukirwa neza icyo Pawulo yari agambiriye yandika aya magambo. Iyo Imana iza gukora nk'ibyo bamwe bakora, igahitamo kutababarira, ese byari kukugendekera gute. Amakosa yose wakoze Imana yababariye, kuki wowe utagirira ubwo buntu abandi ngo ubababarire? Si ibikorwa bya Kristo. Ntugomba kubitekerezaho cyane, BABARIRA GUSA!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data Mwiza, nyigisha gusiga inyuma inabi yangiriwe. Woze umutima wanjye n'Umwuka wawe ukuremo buri nzika nabitse mu mutima wanjye. Warakoze kumbabarira.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinzabika inzika. Muri uyu mwanya, mbabariye buri muntu wese wangiriye nabi mu hashije, none ndetse n'ahazaza!

IBINDI BYANDITSWE
Matayo 6:14-15;
Abefeso 4:32

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 223
Yobu 38-40; 1 Abakorinto 10:1-17



GoodNews DAILY

IGERAGEZA RIKOMEYE

Luka 16:11
Niba mutakiranutse mubikijwe ubutunzi bubi, ni nde uzababitsa ubutunzi bw'ukuri?

Uko ucunga kandi wubaha amafaranga yawe ni igerageza Imana ikoresha ngo imenye ko witeguye kujya mu nzego zisumbuyeho mu buzima. Yitegereza uko ucunga amafaranga yawe, ibyo bikayifasha kumenya niba witeguye neza kujya ku rwego rwisumbuyeho. Ese urabitekereza?

Iyo wumviye Umwuka Wera kandi ukagira kwifata, ushobora kubaho ubuzima butarimo amadeni kurenza uko bamwe babayeho aka kanya. Niba usesagura amafaranga kugeza aho udatanga icya cumi kandi ntutange mu murimo w'Imana uko Umwuka Wera abiguhamiriza mu mutima, uba uri gutsindwa rimwe mu magerageza y'Imana ikoresha ngo imenye ko witeguriye inzego zisumbuyeho. Amafaranga yawe ni yo gerageza rikomeye! Ba umucungamari mwiza wayo kandi uyashore mu bifite umumaro munini muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe.

ISENDESHO RY'UYU MUNSI

Data Mwiza, nyigisha kugira ubwenge no gucunga neza amafaranga, kugira ngo mbe umwizerwa mu gucunga ubutunzi bw'ukuri bwo mu Bwami bwawe mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri uyu mwaka, amafaranga yanjye aziyongera kuko ndi umucangamari wizewe w'amafaranga. Amadeni yanjye akuweho, ubucuruzi bwanjye burikubye, amafaranga araje mu buryo budasanzwe mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
Imigani 3:9-10

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 224
Yobu 41-42; 1 Abakorinto 10:18-33



KWIYEGURIRA IMANA BYUZUYE

Abaroma 12:1
Nuko bene Data, ndabinginga ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye.

Pawulo akoresha imvugo idasanzwe mu cyanditswe cy'uyu munsi kubera ko mu bihe byo mu Isezerano Rishya, ntihabagaho igitambo kizima mu bitambo by'amatungo. Iyo itungo ry'igitambo ryicirwaga ku gicaniro, igitambo cyabaga cyuzuye: ryabaga ryapfuye. Ariko Imana iduhamagarira gutanga imibiri yacu nk'ibitambo bizima. Bisobanuye ko ishaka abantu biteguye kuyiyegurira byuzuye, bakiyemeza gukora ubushake bwayo, no kubaho byuzuye babereyeho Imana.

Si ibanga ko ibyifuzo by'umubiri wawe bibusanya n'umugambi w'Imana ku buzima bwawe. Bizahangana kugira ngo ari byo bikuganza. Ariko ujye wibuka uwo uri we, uri igitambo kizima Imana ishobora gukoresha gusa iyo witambye nk'igitambo kizima.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngusabye imbabazi kuko nakoresheje nabi ibitekerezo bya kamere. Ibyo mbibona nko kwigomeka, kandi nanze kubiha intebe muri njye guhera uyu munsi!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahagarika buri cyose cyashyizwe mu buzima bwanjye kizanywe n'imirimo ya kamere ndetse no kwifuza. Uhereye uyu munsi, nyobowe n'Umwuka w'Imana wo wonyine!

IBINDI BYANDITSWE
1 Abakorinto 6:19-20

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 225
Luka 15:11-32; Zaburi 84-86



SHAKA IGIHE "AKA KANYA"

Mariko 6:45-46
Uwo mwanya ahata abigishwa be ngo bikire mu bwato bamubanzirize hakurya i Betsayida, asigara asezera abantu. Amaze kubasezera aragenda azamuka umusozi, ajya gusenga.

Ijambo "uwo mwanya" riri mu murongo wacu ni euthéōs mu kigiriki, bisobanuye gukora ibintu utajuyaje kandi nta kigutindije. Iri jambo rivuga kubwo kwiyemeza no kugendera ku gihe kwa Yesu. Icyo yakoze nyuma yo kugaburira abantu ibihumbi bitanu cyari ukuva aho hantu akajya ahantu hihererereye aho yashoboraga gusenga nta kirangaza.

Gushyiraho igihe cyawe wenyine n'Imana ntibikwiye kuba imbogamizi ku bantu bahamya ko ari Abakristo. Umwami Yesu Kristo yari afite imyaka itatu gusa yo gusohoza umurimo we, umurimo wari ukomeye kandi wamusabaga igihe kurusha indi yose ku isi. Ariko nubwo yari afite izo nshingano zose, yafataga umwanya wo gusenga nta kimurangaza buri munsi. Ni iki cyafata umwanya wawe ku buryo ubura umwanya wo kuba hamwe n'Imana mwenyine? Ese kirabikwiye? Igisubizo kizahora ari oya. Shyiraho umwanya wo kubaka iby'iteka ryose.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data mwiza, kubwo kuyoborwa no kwigishwa n'Umwuka wawe Wera, nyigisha uko ngena iminsi yanjye ndi kumwe nawe uri ku mwanya wa mbere.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uhereye uyu munsi, nzafata umwanya buri munsi wo kuba mu kubaho kwa Data. Nta kizandangaza ngo kimbuze guhemburwa no gusubizwamo imbaraga na Data mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
Matayo 6:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 226
Imigani 1-2; 1 Abakorinto 11:1-16



ICYO YATANGIJE, IZAGISOHOZA

Abafilipi 1:6
Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko Iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku munsi wa Yesu Kristo.

Ita ku ijambo “kumenya rwose” riri mu murongo w’uyu munsi. Ijambo nyaryo ryo mu kigereki ni peitho, risobanuye kwizera, guhamya no kwemera udashidikanya. Igihe intumwa Pawulo yandikaga uru rwandiko, yavugaga iby’Imana azi. Yari yarayibonye imukura mu bibazo byinshi bitandukanye.

Uyu mwaka twawuhawe n’Imana nk’umwaka w’Amavuta Adasanzwe. Ese wizeye udashidikanya bingana gute ko ibyo yatangiye mu ntangiriro z’uyu mwaka Izabisohoza? Ubaye ubyemeye, Umwuka Wera ashobora gukora ikintu cyose mu buzima bwawe. Igisabwa ni ukugira ukwizera gukomeye muri We ku buryo uba wizera udashidikanya kandi uhamye ko uzatanga ubuhamya bwo kwigaragaza kwa buri murimo mwiza wose yatangije muri wowe.

ISENGESHO RY’UYU MUNSI

Data, muri uyu Mwaka w’Amavuta Adasanzwe, nizeye ntashidikanya ko wakoze umurimo udasanzwe muri njye kugeza igihe Yesu Kristo azagarukira, kandi ndabigushimiye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura gukurwaho kwa buri mwuka uriganya, witambitse kwigaragaza kw’ukuri kwanjye mu Mwami. Buri mugisha wose washyizwe kuri njye uzasohora rwose mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
1 Abatesalonike 5:24

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 227
Imigani 3-5; 1 Abakorinto 11:1-16



JUGUNYA UMWANDA W'IMBWA!

Abafilipi 3:8
Ndetse n'ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo ku bw'ubutunzi butagira akagero, ari bwo kumenya Kristo Yesu. Ku bw'uwo nahombye ibyanjye byose, ndetse mbitekereza ko ari amase kugira ngo ndonke Kristo.

Wari wahura n'abantu batajya bajugunya ibintu bishaje? Imodoko zajeho umugese, zituwemo n'imbeba ziguma mu mbuga yabo, no mu nzu imbere hakuzuramo imyanda - ibisigazwa by'ibikoresho bitagikora, imashini zishaje bakazimanika ku nkuta ziriho ivumbi, n'ivarisi zuzuye imyenda shaje yamunzwe. Ese, iyo foto ntiteye inkeke?

Ubuzima bw'umwuka bw'abantu bamwe na bamwe ni uko bumeze. Aho kugira ngo bahangane n'ibibazo mu buzima bwabo ngo bugume bukeye, imyanda yo mu mwuka ikomeza kwiyongera. Umurundo wo kubika inzika, uburakari, ishyari n'indi myanda yo mu mwuka - bigakora akajagari! Ni iki wanze kurekure kugeza uyu munsi? Byose ni umwanda w'imbwa! Wujugunye mu kimoteri, ikorere isuku maze ukomeze urugendo!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, kubwo kuyoborwa n'Umwuka Wera, mfasha kumenya igihe ndi guhura n'ibinsubiza inyuma. Sinzabika ibibi mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu munsi, ntangiye urugendo rwo gusukura kugira ngo nkuremo akajagari kose nabitse. Nzakora imirimo yanjye mu mudendezo kandi neza aho Imana izankoresha muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe!

IBINDI BYANDITSWE
Abafilipi 3:13-14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 228
Imigani 6-7; 1 Abakorinto 11:17-34



MFITE AMASHIMWE

1 Abatesalonike 5:18
Mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu.

Uyu munsi, uko usoma iyi nyigisho, ushobora kuba utanyuzwe n'aho uri mu buzima muri uno mwanya. Bwa bucuruzi bwinjiza amamiliyoni watekerezaga ko uzaba ufite ubu, ya nzu nini wari uzi ko uzaba warubatse, byose biracyari mu bitekerezo gusa. Ariko, ushobora kwemera ko uko bimeze atari bibi cyane! Ukuri ni uko, hari byinshi byo gushimira Imana!

Wabashije kubyuka uza ku rusengero uyu munsi; bamwe ntibabyutse. Ushobora kuba utaragira amamiliyoni, ariko shimira Imana ko ufite akazi. Ushobora kuba utarabyara umwana, ariko shimira Imana ko ufite uwo mwashakanye. Urabona ko hari byinshi byo gushimira Imana iyo witegereje neza!

Uyu munsi, nihagira ukubaza uko umeze, umusubize uti, "MFITE AMASHIMWE!"

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data mwiza, iyo ntekereje ibyo wantambukije byose, n'amahoro n'uburuhukiro wangejejemo, icyo navuga gusa ni URAKOZE!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura ko ntazirengagiza gushimira Imana. Mva mu bubata njya mu mudendezo muri buri gice cy'ubuzima bwanjye kuko amashimwe mfitiye Imana azanzamura!

IBINDI BYANDITSWE
Abefeso 5:20;
Abakolosayi 3:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 229
Imigani 8-9; 1 Abakorinto 12



IGISHA ABANA

Gutegeka kwa Kabiri 11:18-19
Nuko mubike ayo magambo yanjye mu mitima yanyu no mu bugingo bwanyu, muyahambire ku maboko yanyu ababere ikimenyetso, muyashyire mu mpanga zanyu hagati y'amaso yanyu. Mujye muyigisha abana banyu, mujye muyavuga mwicaye mu mazu yanyu, n'uko mugenda mu nzira n'uko muryamye n'uko mubyutse.

Ababyeyi bafite inshingano zo kwigisha abana uko bagomba kubaho ubuzima bw'ubumana no kugira ubumenye bwo gukoresha Ijambo ryayo. Mu cyanditswe cy'uyu munsi kibutsa ababyeyi n'abarezi gukoresha buri mwanya wose wo kubatoza ibyo. Abanyeyi bamwe batekereza ko kugurira abana ibyo bakeneye ari yo nshingano ikomeye. Oya, ibyo siko biri! Inshingano zabo zikomeye ni ukubigisha inyigisho n'indangagaciro z'Ijambo ry'Imana.

Bishobora kutaba mu kwiga Bibiliya buri musni, ariko jya uhora ubibutsa ineza y'Imana mu buzima bwanyu iteka. Bereke ibiremwa by'Imana mu nzira bajya ku ishuri. Mu gihe cyo gufata amafunguro, ushimire Imana yayabahaye. Imana iri hose; bamenyereze kuyumva no kuyibona muri byose.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data Mwiza, nyigisha uko nshyira Ijambo ryawe mu bikorwa buri munsi kugira ngo abana banjye bakurire muri wowe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Abana banjye bazakura bakomeye mu Ijambo ry'Imana buri munsi. Nkoresha ububasha nahawe mbakura mu bubata bwose n'ibyabagiraho ububasha byose bikabangamira imikurire yabo mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
Imigani 22:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 230
Imigani 10-12; 1 Abakorinto 14:1-19



DUSHYIRE HAMWE

Matayo 18:19
Byongeye kandi ndababwira ukuri: niba babiri muri mwe ku isi bashyize hamwe ngo bagire icyo basaba, bazagihabwa na Data uri mu ijuru.

Abakristo benshi ntibabona imbaraga zihambaye ziri mu gushyira hamwe. Ijambo ry'ikigiriki ryo "gushyira hamwe" riri mu cyanditswe cyacu cy'uyu munsi ni sumphōnéō. Ni ho ijambo urwunge riva. Bivuze guhuriza hamwe cyangwa se kwemeranywa ku ngingo.

Urwunge rw'amajwi akora umuziki ruhurirwamo n'ibyuma bitandukanye bikora umuziki mwiza. Iyo wumva ibyo byuma injyana y'ibyo byuma, umenya neza ko icyuma kimwe kitari gukora uwo murimo. Ntawaremewe kuba wenyine nk'ikirwa. Waremewe guhuza amaboka n'abandi mugashyira hamwe, atari mu buzima bwawe gusa, ahubwo no kubeyerekeye isi. Shyira hamwe n'umuntu uyu munsi mu isengesho ku bijyanye na sisitemu y'imyigishirize, ibihugu, iterero ryawe, umuryango, n'ibindi... kandi ni ko bizagenda.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, urakoze kubw'Ijambo ryawe rigena ko aho ubumwe buganje, amavuta y'ukubaho kwawe yuzura kandi agategeka umugisha wawe kugagara hagati muri twe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahanura ko igihe cyose mfatanye ibiganza mu mwuka n'abavandimwe banjye bari ku isi hose mu isengesho, icyo tuzatura nk'umubiri umwe kizazosohora mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
1 Yohana 5:14-15

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 231
Imigani 13-15; 1 Abakorinto 14:20-40



HINDUKIRA

Ibyahishuwe 2:5
Ibuka rero aho wahanantutse ukagwa. Gira wisubireho…

Ijambo kwisubiraho mu kigiriki ni ijambo *metanoéō*. Bivuze gufata umwanzuro, guhinduka burundu, cyangwa se guhindukira byuzuye mu buryo bw'imitekerereze, imyizerere cyangwa se imibereho. Ijambo *kwisubiraho* ritanga ishusho y'umuntu uri guhinduka byuzuye. Rebera ku itorero ry'Abefeso nk'urugero.

Mu Byahishuwe 2:5, hatubwira ko Umwami Yesu yahangaye Abefeso ababwira ko baretse umubano wabo na We ugakendera. Iri koraniro ryafatwaga nk'itorero ry'intangarugero, ikitegerereza ku yandi matorero yigiraho. Ariko, Yesu yavuze ko abakristo ndetse n'abayobozi baryo bose "bagiye"; bose bari barakendereye. Ese ibyo byaba nawe ari ukuri kwa uyu munsi? Ese umuriro wari ufitiye iby'Imana uracyagurumana, cyangwa ni umwotsi gusa usigaye? Niba ari uko, ibuka aho byakunaniye, wisubireho, maze wongere ukongeze umuriro wari ufiteye Imana mbere.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, urakoze kumbwira ibijyanye n'impamvu nkeneye kwisubiraho. Uhereye uyu munsi, mpinduye uburyo natekerezaga n'uko nabagaho.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahanura ko byose bihindutse mu buzima bwanjye uhereye none. Ndi kubaka umubano mwiza ufite intego uko Umwuka Wera ankongezamo umuriro w'Imana mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
Ibyakozwe n'intumwa 3:19

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 232
Luka 16:1-15; Zaburi 87-88



NI ICY'IBANZE

Luka 15:7
Ndababwira yuko mu ijuru bazishimira batyo umunyabyaha umwe wihannye, kumurutisha abakiranuka mirongo urwenda n'icyenda badakwiriye kwihana.

Iyo ushobanukiwe neza agaciro k'ubugingo, kubwiraza ubutumwa birenga kuba igice kimwe mu itorero; bikaba umukoro wawe w'ibanze. Kuba hakiriho benshi batazi Imana bigomba kugushavuza uko ubasengera ngo babone agakiza. Urukundo rugusunikira kubwira buri wese ubasha kumva ibya Yesu ushize amanga.

urabona , satani ashaka ko abantu bayobywa no kumenyekana, ubukire, ndetse n'ibinezeza ngo bibagirwe iby'iteka ryose. Ariko nk'amwambasaderi wa Kristo, inshingano yawe ni ukubafasha kubona ukuri. Tangira ubona buri bugingo nk'ubw'agaciro ko ugomba kubuzana kuri Kristo
Niba ijuru ryose ryishima iyo umunyabyaha umwe yihannye, ni gute tugomba gukora cyane kugira ngo ruhore ryishimye? Reka kuzana ubugingo kuri Kristo bibe iby'ibanze kuri wowe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data Mwiza, warakoze gucungura ubuzima bwanjye no kunyinjiza mu muryango wawe. Noneho nkoresha, Mwami, kugira ngo nzane ubugingo bwatanywe mu mucyo w'iteka.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kubw'Ijambo ry'uyu munsi, umutima wanjye uzagurumana wuzuye urukundo rw'abatanywe inzira kurusha mbere. Nzazana benshi mu mucyo utangaje w'Imana mbakuye mu bwami bw'umwijima!

IBINDI BYANDITSWE
Yohana 3:16-17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 233
Imigani 16-18; 1 Abakorinto 15:1-28



GoodNews DAILY

UBUTUMWA BURANGURUYE

Abafilipi 2:15
Kugira ngo mutabaho umugayo cyangwa uburyarya, mube abana b'Imana batagira inenge hagati y'ab'igihe kigoramye cy'ubugoryi, abo mubonekeramo nk'amatabaza mu isi.

Mpora mvuga ko kwigisha Ubutumwa bwiza bwa Yesu atari uguhagarara imbere gusa, wambaye neza ufashe indangururamajwi. Mu bihe byinshi, ubutumwa burangurura kandi bugira umumaro mwinshi ni ubuzima bwawe. Uburyo ubayemo, uvuga kandi ubanyemo n'abandi bigomba gukururira benshi kuri Kristo.

Icyanditswe cyacu cy'uyu munsi kikwibutsa neza uko ugomba kwitwara muri ibi bihe bya nyuma aho indangagaciro zazimiye. Isi yuzuye abantu babi bafite imyitwarire mibi. Reka urumuri rwawe rurabagirane ku buzima bwabo. Abantu barakureba: inshuti zawe, umuryango wawe, abo mukorana, ndetse n'abatakuzi. Ubuzima bwawe ni ubutumwa. Reka abantu "basome" ubuzima bwawe nk'icyapa kibayobora kuri Kristo.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data Mwiza, ndagushimiye kuko wangize urwandiko ruzima. Ubuzima bwanjye bwerekana imiterere yawe kandi bihamagarira benshi kunyigiraho.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndategeka ko buri muntu nzahura na we azabona kamere idasanzwe y'Imana iri muri njye. Uko Imana iri, niko nanjye ndi; bityo, ndi umutsinzi!

IBINDI BYANDITSWE
Matayo 5:16

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 234
Imigani 19-21; 1 Abakorinti 15:29-58



IKIREMWA CYIZA KIDASANZWE

Abefeso 2:10
Kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu...

Iyaba Abakristo basobanukirwa uko baremwe bitangaje, amasengesho menshi ntiyaba agihabwa umwanya. Imana yakuremye nta busembwa ufite, nta mbibi ziri kubyo wageraho kandi ntacyaguharika. Uri ikiremwa cyayo gihebuje byose, kandi cyujuje ibisabwa byose.

Icyanditswe cy'uyu munsi kiviga ko turi abo yiremeye. Ntiwavuye mu mirimo y'umuganga ukomeye, mu ntungamubiri no mu mirerire myiza - ahubwo uri wo Imana yiremeye. Nta muhanga wo muri iyi si wabasha gusobanukirwa byuzuye imikorere yawe. Ugendeye kuri ibi, hagarara ishikamye uhangare imitego y'umwanzi. Anga kurwara, anga gutsindwa no kuba inagruka y'ibibi mu buzima. Gendera mu butware umenye ko uri hejuru y'ibyo unyuramo muri iyi si. Uri ikiremwa kidasanzwe cy'Imana, Ikivajuru, urahebuje mu buryo bwose

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Urakoze, Data, kuko wangize ikiremwa gihebuje. Kuko wandemye neza bidasanzwe, ngendera mu butsinzi no mu butware wandemeye mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze kurwara no kugira agahinda mu buzima bwanjye. Uhereye uyu munsi, njye mu isi nk'imana kuko ariko ko ndi. Mfite ubutware muri buri gice cy'ubuzima kandi sinzatsindwa. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE
Tito 2:14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 235
Imigani 22-24; 1 Abakorinto 16



GoodNews DAILY

REKA UMURIRO UGURUMANE!

2 Timoteyo 1:6
Ni cyo gituma nkwibutsa gusesa impano y'Imana ikurimo ngo yake, iyo waheshejwe no kurambikwaho ibiganza byanjye.

Mu rugendo rw'Abakristo benshi, ishyaka ry'umurimo w'Imana batangiranye rigenda rigabanuka. Ndahuye n'abayobozi mu itorero ndetse n'Abakristo bageze ku rwego ibyagurumanaga muri bo byari bimaze kuba bike cyane. Uku niko nabafashije.

Mu cyanditswe cy'uyu munsi, ijambo "gusesa" mu kigiriki ni anazōpyréō, bisobanuye kwenyegeza cyangwa se kwatsa iryo shyaka. Pawulo yakanguriye umukozi w'Imana wari ukiri muto ngo akomeza kongera inkwi kuri uwo muriro wo mu mutima wari hafi kuzima.

Nawe ushobora kuba umeze nka Timoteyo: uburyo wiyumvaga mbere siko ukiyumva uyu munsi. Ndagushishikariza gufata umwanya ukongera ukisubiza ku murongo mwiza mu rugendo rwawe rw'umwuka. Tangira bundi bushya. Ufite imbaraga zose zo kubyutsa umwuka wawe maze wa muriro ukongera kwaka.

ISENGESHO RY'UYU MUNS

Data, nemeye inshingano zo gukomeza kwatsa umuriro uri muri njye. Ku bw'Umwuka Wera, ndatangira bundi bushya maze nenyegeze umuriro wongere wake muri njye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nacuzwe mu muriro. Ubuzima bwanjye ni ubuzima bw'umuriro n'ishyaka ry'Imana! Sinzemera ko uwo muriro uzima mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
1 Timoteyo 4:14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 236
Imigani 25-26; 2 Abakorinto 1



WAPFUYE KU BYAHA

Abaroma 6:11
Abe ari ko namwe mwiyumvamo ko mwapfuye ku byaha, mukaba muriho ku Mana muri Kristo Yesu.

Ndashaka ko witondera ijambo “kwiyumvamo” riri mu cyanditswe cy’uyu munsi. Mu kigereki ni ijambo logízomai, risobanuye gutanga umwanzura cyangwa se gufata igikorwa nk’icyamaze kuba, bikagusaba gusa kubyemeza no kubyakira.

Ni iby’ingenzi cyane kuko bikubwira ko mu bitekerezo by’Imana, uwo wari uri we wese mu hashize atagifite ububasha ku wo uri we none muri Kristo. Icyaha n’imbaraga zacyo zose byaneshejwe n’imbaraga z’umusaraba. Hamya ibi kandi ubimenye neza mu buzima bwawe. Ntukiri uwo wahoze, nubwo Satani abikwibutsa inshuro nyinshi. Muri Kristo, uwo muntu wa kera yarapfuye. Ntugahe intebe ibitekerezo byekereye icyaha; wapfuye byuzuye ku cyaha!

ISENGESHO RY’UYU MUNSI

Urakoze, Mwami, kubw’agakiza kanjye kampamiriza ko ubuzima bwanjye bwa kera, kamera yanjye ya kera n’imyitwarire yanjye ya kera byarangiye, haleluya!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Njye wa kera yapfuye kera. Mba hejuru cyane y’ibimbaho kuko nta cyaha kimboshye mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
Abagalatiya 2:20

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI 237
Imigani 27-29; 2 Abakorinto 2



NISHIMIYE KUGIRA UMUNYU

Matayo 5:13
Muri umunyu w'isi...

Umunyu uba hose ku buryo ntaho utawusanga. Ariko mu bihe byo mu Isezerano Rishya, umunyu wari uhenze cyane kandi cyari igicuruzwa gihabwa agaciro cyane kuko cyakenerwaga henshi. Igihe Umwami Yesu Kristo yagereranyaga abigishwa be n'umunyu, yari azi neza ishusho yashakaga ko bumva mu bitekerezo byabo, kandi yari azi ko urwo rugero hari icyo ruri bubabwire.

Umunyu wakoreshwaga mu kuryoshya amafunguro, mu kubika ibiribwa igihe kirekire, mu gukiza ibikomere n'ibindi. Iyi mimaro yose ivuga igaragaza uwo ugomba kuba nk'Umukristo. Ese uri guhindura isi yawe mu buryo bwiza? Abagukikije bagirwaho ingaruka n'umunyu wawe? Aho umunyu uri, impinduka irawukurikira. Ba gihamya yabyo!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data Mwiza, warakoze kungira umunyu kuri iyi si.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umunyu. Nzana gukira indwara ku barwaye; nsukura ahantu handuye, kandi nzana uburyohe ku bankikije. Icyubahiro ni icy'Imana!

IBINDI BYANDITSWE
Mariko 9:50

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI 238
Imigani 30-31; 2 Abakorinto 3



SINZAYOBYWA

Matayo 24:4
Yesu arabasubiza ati "Mwirinde hatagira umuntu ubayobya.

Ntibisaba kwitegereza ibiri mu isi igihe kirekire uyu munsi kugira ngo ubone ko hari ubuyobe, ndetse mu bice utatekerezaga ko bwabamo. Imyitwarire mibi yaganje isi ku buryo usobanukirwa neza ko byageze ku gasongero.

Mu murongo wo haruguru, Umwami Yesu yamenyekanishije ibizaba byerekeye ubu buyobe buzagwira mu isi yose mu bihe bya nyuma kandi aburira abigishwa be ko bizaba ikimenyetso ko kugaruka kwe kwegereje. Uko twegereza iyo minsi ya nyuma muri iki gihe, tugomba kwibuka ibyo Kristo yatuburiye ko hazabaho igihe ubuyobe buzuzura isi yose. Icyo gihe ni iki. Igihe cyo kugaruka kw'Umwami kiregereje, bavandimwe. Ba maso, uhore witeguye, urinde umutima wawe kandi ntuzayobywe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndasenga ngusaba ngo umpe imbaraga ziva imbere zo guhagarara nshikamye mu Ijambo ry'Imana sinzayobywe mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Amaso yanjye yasizwe Amavuta Adasanzwe ampa ubushobozi bwo kubona ibyihishe inyuma y'ubuyobe! Sinzashukwa, icyubahiro n'icy'Imana!

IBINDI BYANDITSWE
2 Abatesalonike 2:3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 239
Luka 16:16-31; Zaburi 89-90



NITEGUYE KURWANA!

1 Timoteyo 6:12
Ujye urwana intambara nziza yo kwizera...

Hari ikintu Abakristo benshi badasobanukirwa neza batekereza ko iyo uvutse ubwa kabiri, utongera guhura n'ikibazo na kimwe mu buzima bwawe. Ibi biri kure y'ukuri. Urugendo rwacu n'Umwami ni urugendo rw'ukwizera, kandi tugendeye ku cyanditswe cy'uyu munsi, inzira y'ukwizera akenshi isaba kurwana kugira ngo ugere ku musozo wayo.

Niba ufite ubiguca intege muri urwo rugendo rugana ku ntego zawe, ntibizasange utiteguye cyangwa se ngo bigutungure. Imana yaratuburiye mbere inyuze mu ntumwa Pawulo ngo twitegure kurwana. Ntuzateshuke cyangwa se ngo wirengagize inzozi Imana yaguhaye. Hagarara wemye urwanye buri cyose kikurwanya kandi uzabinyuramo nk'umutsinzi uyu munsi!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data Mwiza, reka ubuntu nkeneye ngo ndwane intambara nziza y'ukwizera bwiyongere mu buzima bwanjye mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umwuka Wera uri muri njye unyuzuza imbaraga zihangana na buri mbaraga zose zindwanya. Nzahagarara nshikamye kugeza ku ntsinzi.

IBINDI BYANDITSWE
2 Timoteyo 4:7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 240
Umubwiriza 1-3; 2 Abakorinto 4



TANGA UBUSOBANURO BURAMBUYE

1 Yohana 5:15
Kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi n'uko duhawe ibyo tumusabye.

Amasengesho amwe n'amwe "ntasubizwa" kubera ko adasobanura neza icyo ushaka. Reka nkubaze ibi: iyo usenga; usenga amasengesho y'imigisha muri rusange, cyangwa se wamenye ibanga ryo gusobanura neza icyo ushaka ubwira Imana igihe usenga? Amasengesho nka, "Mana ha umugisha ubuzima bwanjye bwose," ntabwo arimo ubusobanuro buhagije. Ni mu bihe bice uri gusengera ngo bihabwe umugisha? Ayo ngayo ntabwo aba asobanutse, iyo usengeye ibintu muri rusange ntabwo ubona ibisubizo.

Mu cyanditswe cy'uyu munsi, amagambo 'ibyo tumusabye' agaragaza ko hari ikintu runaka wasabye. Ijambo ry'ikigiriki risobanura icyo risobanuye *ni nde, ni iki*. Urabona ukuntu bitangaje? Rero, nusenga, ujye usobanura neza *ni nde* kandi *ni iki* uri kuvuga. Shaka ibyanditswe byo gushyigikira amasengesho yawe kandi uyasobanure neza!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Urakoze, Mwami, kunyobora kugira ngo ngere ku masezerano nyayo wampaye mu Ijambo rwawe angeza ku bihe nyabyo mu buzima bwanjye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka ko umurimo mwiza w'Imana ushinze imizi muri buri gice cyose nasengeye ku buzima bwanjye. Intsinzi ni iyanjye!

IBINDI BYANDITSWE
Yohana 14:13-14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 241
Umubwiriza 4-6; 2 Abakorinto 5



UMUKORESHA UBIFITEYE UBURENGANZIRA

Ibyakozwe n'Intumwa 19:15
Bukeye dayimoni arabasubiza ati "Yesu ndamuzi na Pawulo ndamumenye, ariko mwebweho muri ba nde?

Niba uri muri Kristo, ufite uburenganzira bwo gukoresha Izina rya Yesu n'imbaraga z'Umwuka Wera. Umudayimoni ugaragara mu cyanditswe cy'uyu munsi yari azi Izina rya Yesu kandi yari azi Pawulo kuko Pawulo yari muri Kristo kandi yari afite uburenganzira bwo gukoresha Izina rya Yesu!

Nk'umukristo utuwemo n'imbaraga z'Umwuka wera, ufite imbaraga zose zo mu ijuru no mu isi wahawe (Matayo 28:28). Ibyo bivuze ko imbaraga nk'izo Yesu Kristo akoresha, nawe nizo ufite! Ufite ububasha bwo kuvuga mu mwanya wa Yesu no kugira ubutware hejuru ya buri mwuka mubi ushobora kuza mu nzira yawe uyu munsi. Koresha ubwo butware ukore imirimo idasanzwe uyu munsi!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Urakoze , Data, kumpa ububasha bwo gukoresha Izina rya Yesu! Mfite intwaro y'iri zina rikomeye, sinatsindwa mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkoresha imbaraga ziri muri njye kugira ngo nteshe agaciro buri gitero cy'umwanzi gishaka kundwanya. Sinzigera mba ikivume mu gihe cyose nkikoresha ubu butware!

IBINDI BYANDITSWE
Abefeso 1:20-22

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 242
Umubwiriza 7-9; 2 Abakorinto 6



GIRA NEZA

Abefeso 4:32
Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha nk'uko Imana yababababaririye muri Kristo.'

Ijambo “mugirirane ineza” riri mu cyanditswe cy’uyu munsi mu kigiriki ni ijambo chrēstós. Bivuze gucisha make, guhora wishimye no kugira umutima mwiza, ndetse n’ibindi. Niba ugira neza, uri umuntu utega amatwi kandi wita kubyo abandi bakeneye.

Iri jambo rigaragaza imyitwarire Umwami Yesu ashaka kugaragaza muri twe kubw’imbaraga z’Umwuka Wera. Kwigisha kugira neza si iby’abana bato bari mu mashuri mato cyangwa se ku rusengero ku ishuri ryo ku cyumweru gusa; ibi ni ibya buri wese witwa Umukristo. Umwami Yesu yagiriraga urukundo umuntu yabonaga akeneye ubufasha. Yagiraga neza. Abakristo benshi bumva ko “bakomeye” badashobora kugira neza. Batekereza ko kugira neza bicirirtse, kandi Data muri kamere ye ari ineza. Uko dusoza uku kwezi, bigire intego ko ukomeza imbere muri uyu mwaka ugirira neza abandi!

ISENGESHO RY’UYU MUNSI

Data, kubw’Umwuka wawe, nyigisha kugirira ineza abakeneye ubufasha cyane.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nitandukanyije na buri cyose cyambuzaga kugirira neza abandi. Mu minsi yanjye iri imbere nzarangwa n’urukundo nzagirira abantu b’Imana!

IBINDI BYANDITSWE
1 Petero 3:8-9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 243
Umubwiriza 10-12; 2 Abakorinto



KUGENDERA MU CYEREKEZO CY'AMAVUTA

1 Samweli 10:1, 6
Nuko Samweli yenda imperezo y'amavuta ayamusuka ku mutwe, aramusoma aravuga ati, Mbese ibyo si byo byerekana ko Uwiteka akwimikishije amavuta … uhanurane na bo, uhereko uhinduka ube umuntu mushya.

Iyo amavuta adasanzwe akuriho, guhinduka si amahitamo, birizewe. Sawuli ntiyabaye "umuntu mwiza kurushaho"; yabaye undi muntu mushya burundu. Ibyo nibyo gusigwa amavuta bikora. Biguha imbaraga zo gukora ibyo wahamagariwe.

Uyu mwaka, ntutezweho kuzuza imigambi y'Imana ukoresheje ubushobozi bwa muntu. Amavuta adasanzwe azatanga ibyo imbaraga zawe zidashobora gukora. Azahindura uburyo utekereza kandi akugire uwo ijuru rishobora kumenya. Itege ko Umwuka Wera wongera ubushobozi bwawe. Urahindurwa uwo umuhamagaro wawe ukeneye.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira kubw'Amavuta Adasanzwe washyize ku buzima bwanjye. Niyemeje byuzuye gukoreshwa imirimo y'Umwuka wawe. Reka amavuta wansize ampindure mushya uko mpindura imitekerereze yanjye nkanajya mu murongo umwe n'uwo ijuru ryampamagariye kuba we.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nasizwe amavuta ngo mbashe gukora imirimo itangaje y'ibiremwa bidasanzwe. Nkorera mu bushobozi burenze ubwa muntu kandi ndagenda nshize amanga mu mwuzuro w'umuhamagaro wanjye uyu munsi.

IBINDI BYANDITSWE
Ibyakozwe n'Intumwa 1:8; 2 Abakorinto 3:18

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 244
Indirimbo za Salomo 1-3; 2 Abakorinto 8



UKIKIJWE N'UBUNTU

Zaburi 5:13
Kuko uzaha umukiranutsi umugisha, Uwiteka, uzamugotesha urukundo rwawe nk'ingabo.

Ubuntu si ikintu usuura gusa; ni ikintu kigukikije. Imana ishyira ubuntu ku buzima bwawe nk'ingabo igukingira kugira ngo amahirwe, uburenganzira no gufunguka kw'imiryango bikuyoboke. Ibigora abandi bikanabananira bigomba kwitwara mu buryo butandukanye igihe uhageze.

N'amakosa ashobora guhinduka ubuhamya igihe ubuntu buri gukora. Uyu mwaka wuzuye ibikorwa bitangaje, bitamenyerewe kandi bidasanzwe by'Imana. Amategeko azahinduka, abantu bazasubiza kandi ibihe bizahindukirira kukwakira. Genda wemye uyu munsi; ubuntu ntiburi imbere yawe cyangwa ngo bube inyuma yawe; buragukikije impande zose.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, urakoze kunkikiza ubuntu bwawe nk'ingabo. Urakoze kugenda muri njye uyu munsi no kuntegurira kwakira iby'ijuru, amahirwe adasanzwe n'imiryango ifunguye. Reka ubuntu bwawe bumvugire aho ijwi ryanjye ridashobora kugera. Reka izina ryanjye rivugwe mu byumba ntarageramo kandi butume icyo nkoraho cyose uyu munsi gitera imbere, mu izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatangaza kandi ndategeka ko nzatangiza imishinga, ngire imitungo kandi nubake ubushuti mu buryo budasanzwe. Nkikijwe n'ubuntu budasanzwe. Aho njya hose uyu munsi, imiryango iramfungukira!

IBINDI BYANDITSWE
Luka 2:52

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 245
Indirimbo za Salomo 4-5; 2 Abakorinto 9

GoodNews DAILY

SABA UBUHANGA

1 Abami 3:9
Nuko rero, uhe umugaragu wawe umutima ujijutse ngo nshobore gucira abantu bawe imanza...

Imana ntijya inenga abantu kubera gusaba ubuhanga. Ahubwo, ibutanga ku buntu no mu buryo bwuzuye. Ibwiriza rimwe ry'Imana rishobora gutsinda aho imbaraga zimaze imyaka myinshi zananiwe.

Ubuhanga bugushyira mu mwanya mwiza wo kumenya icyo gukora, igihe ugikora, n'uko ugikora neza. I Gibeyoni, Salomo ntiyasabye intsinzi, ubutunzi cyangwa gukurwaho kw'abanzi be. Yasabye ubuhanga, kandi ubuhanga bwamushyize aho abona n'ibyo atigeze asaba.

Imirimo idasanzwe isaba ubuhanga budasanzwe. Imana iri gukora ibintu bidasanzwe, kandi imitekerereze isanzwe ntishobora kuyobora umuntu kugera ku bidasanzwe. Iyo Imana itanze inshingano zidasanzwe, itanga n'ubumenyi bukenewe bwo kuzishyira mu bikorwa nta ngorane. Saba ubumenyi bw'Imana; saba ubwenge.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagusaba ubuhanga bwo mu ijuru. Umpe ubushishozi burenze ibyo nanyuzemo n'ubumenyi burenze imyaka yanjye. Uyobore intekerezo zanjye, ibyemezo, n'ibikorwa byanjye uyu munsi kugira ngo ngendane nawe mbashe gukora buri murimo neza no mu buryo bworoshye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Data, ndagusaba ubuhanga bwo mu ijuru. Umpe ubushishozi burenze ibyo nanyuzemo n'ubumenyi burenze imyaka yanjye. Uyobore intekerezo zanjye, ibyemezo, n'ibikorwa byanjye uyu munsi kugira ngo ngendane nawe mbashe gukora buri murimo neza no mu buryo bworoshye.

IBINDI BYANDITSWE
Yakobo 1:5

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 246
Luka 17:1-19; Zaburi 91-93



INTWARO Y'AMAHORO

Yesaya 26:3
Ugushikamijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringiye.

Amahoro asesuye si ukubura ibibazo, ni uburinzi bw'Imana burinda umutima wawe no mu bihe uzengurutswe n'ibibazo. Ayo mahoro akurinda umwanzi mu gihe ashaka gukoresha igitutu agukura mu nzira wari urimo.

Uyu mwaka, amahoro si ibyiyumviro uzishimira gusa, ni ibyiyumviro ugendana. Uko ibikuranga nk' ambasaderi w'ubwami bw'Imana bigaragara kurushaho, uko kugaragara kuzana n'urusaku, kurangazwa, n'imbogamizi. Ariko amahoro ni intwaro yawe.

Ibuka ko woherejwe ku nshingano. Uri ambasaderi kandi abambasaderi ntibajya bagira igihunga. Bavuga mu izina ry'ibihugu, kandi gushira amanga kwabo kuva ku bo bahagarariye. Wowe uhagarariye ijuru. Reka uyu mutima ube muri wowe uyu munsi: nta kibazo, nta bwoba, nta gihunga. Ba maso. Imana yamaze kukugenda imbere. Komeza kumvira ijwi ryayo ureke amahoro yayo akurinde.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ko untwikira mu mahoro yawe asesuye. Reka umutima wanjye ugume ugushikamyeho. Undinde ibirangaza. Nizeye ko urindira intambwe zanjye mu ijwi ryawe uyu munsi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndategeka, amahanga azumva ijwi ryanjye. Ngendera mu mahoro asesuye. Sinzanyeganyezwa, sinzarangazwa cyangwa ngo nteshwe umurongo mu izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Abafilipi 4:6-8

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 247
Indirimbo za Salomo 6-8; 2 Abakorinto 10



EGURIRA IMIGAMBI YAWE UWITEKA

Imigani16:3
Imirimo yawe yose uyiharire Uwiteka, Ni ho imigambi yawe izakomezwa.

Iyo weguriye Uwiteka imigambi yawe, uba utumiye ubuhanga bw'Imana mu cyumba gitegurirwamo ahazaza hawe. Uko umushyikiriza imirimo n'imishinga yawe, ashyira ku murongo ibitekerezo bitatanye, akemeza gushikama kwa buri ntambwe uzatera.

Inshuro nyinshi, si ukubura icyerekezo bitera umujinya, ahubwo ni umutwaro wo kugerageza gusobanukirwa byose wenyine. Ariko igihe umaze gushyira imishinga yawe, ibyemezo byawe, n'inshingano zawe mu maboko y'Uwiteka, utangira gutekereza neza, kandi intamwe ikurikira irushaho kugaragara neza.

Uri gukorana n'Imana idasanzwe. Iri gushyiraho icyerekezo, igihe, imikoranire, imitungo, n'uburyo bwo kugira ngo ibyigeze gusa n'ibigoye bijye ku murongo kandi bihinduke ibishoboka kugerwaho. Mbere yo kugira intambwe utera uyu munsi, tuza. Shyira imigambi yawe imbere yayo. Reka Imana igire icyo iyivugaho, iyihumekeho kandi ikugende imbere.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nkweguriye buri mugambi, umushinga na buri cyemezo biri ku mutima wanjye. Umpe gusobanukirwa aho nashidikanyaga, n'umurongo aho ntabonaga icyerekezo. Ngushimiye ko ukomeje intambwe zanjye uyu munsi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko negurira imigambi yanjye Uwiteka, ibitekerezo byanjye birakomezwa. Ubuhanga bw'Imana buyobora igihe cyanjye, ibyemezo byanjye, n'uburyo nkoramo ibintu. Icyo nerekezaho amaboko cyose kiratanga umusaruro. Uyu ni umunsi uzira amakosa!

IBINDI BYANDITSWE
Abefeso 1:11

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 248
Yesaya 1-2; 2 Abakorinto 11



GoodNews DAILY

ZAMUKA

Abaheburayo 12:1
...twiyambure ibituremerera byose n'icyaha kibasha kutwizingiraho vuba...

Indege zakorewe kuguruka, ariko uko ziguruka na kure zigera biterwa n'ibyo zitwaye. Indege iremereye izamuka gake, ikagera mu kirere igurukamo neza itinze, kandi igakoresha amavuta menshi kugera aho igomba kugera ugereranyije n'indege itaremereye. Uko amavuta atwikwa agabanuka n'uburemere bukagabanuka, indege ibasha kuzamuka hejuru cyane kandi ikanagenda neza kurushaho.

Ubuzima bwawe bukora mu buryo bumwe nk'ubu. Imbaraga z'Imana zirahari, ariko imitwaro itari ngombwa ibangamira uburyo wihuta, na kure ubasha kugera. Bimwe mu bikuremereye ni imico yawe. Ibindi ni imibanire n'abandi, uburyo utekerezamo cyangwa umutwaro w'amarangamutima. Ushobora gukomeza gutera imbere, ariko bizagenda gahoro kandi imbaraga ushyiramo ziruta cyane izikenewe.

Kwikorera imitwaro y'ejo hashize ntibizagufasha kugera ku rwego rw'ejo hazaza. Fata umwanzuro nonaha ko nta kintu na kimwe kizabangamira icyo Imana yaguteguriye. Rekura buri kimwe kibangamira kuzamuka kwawe, ugere ku rwego rw'umwuka ruzagufasha kugera ku cyo Imana yaguteguriye. Gera kure hashoboka!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umpishurire, kandi unkurireho ikintu cyose kibangamiye iterambere ryanjye. Umpe ubuntu bwo kureka imyitwarire, ubushuti cyangwa imitekererezo itagifite akamaro ku murimo wawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndekuye umutwaro wose utari ngombwa. Nta na kimwe cyo mu hahise hanjye kizambuza kugera ku hazaza hanjye. Ngera kure Imana yanteganyirije.

IBINDI BYANDITSWE
Abafilipi 3:13-14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 249
Yesaya 3-4; 2 Abakorinto 12



KORESHA AMAGAMBO

Hoseya 14:3
Mujyane amagambo mugarukire Uwiteka...

Impinja zirira kuko ziba zitarashobora kuvuga. Zumva ko zishonje, zibangamiwe, zifite ubwoba cyangwa zikeneye kwitabwaho, ariko kubera nta magambo, kurira nibwo buryo bwonyine ziba zifite bwo gutanga amakuru.

Mu buryo bw'umwuka, ibyanditswe byita ubu buzima ngo nepios, umwana muri Kristo. Abakritso b'abana basubiza ibibazo byose nk'abana: kurira iyo bashyizweho igitutu, kurira kubera amafaranga, kurira kubera bumva bari bonyine cyangwa kubera inshingano. Ikibazo si ibyo bari gucamo; ikibazo ni ukubura ijambo ryavuzwe n'Imana.

Imana ntiyigeze itubwira kurira ngo dushobore guca mu buzima. Yaravuze iti: "Mujyane amagambo." ijambo ry'Imana rifite imbaraga, rihindura ibihe kandi ritegeka ibisubizo kuza.

Uyu si umwaka wo kurira mu gihe hari ibyo uri gucamo. Uyu ni umwaka wo kuvuga! Fata amagambo y'Imana uyashyire mu isengesho ryawe, umunsi wawe, umubiri wawe, ubukungu bwawe, imyanzuro yawe, n'ahazaza hawe. Ubaka isi yawe ukoresheje icyo Imana yamaze kuvuga.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, wigishe akanwa kanjye kuvuga ijambo ryawe kugira ngo ndekurwe n'umujinya w'umutima utavuga n'imyitwarire nk'iy'abana. Uko mvuga, umfashe kuyobora amagambo yanjye kugira ngo ubuzima bwanjye bugaragaze imbaraga z'ibyo wamaze kuvuga.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Akanwa kanjye ni isoko y'intsinzi yanjye. Nkoresha Ijambo ry'Imana mu byo ncamo byose. Ndategeka kubaho, imbaraga, ubutunzi n'intsinzi. Ubuzima bwanjye bwumvira kuyoborwa n'Ijambo ry'Imana, kandi ibintu byose bihinduka uko mvuze!

IBINDI BYANDITSWE
2 Petero 1:19

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 250
Yesaya 5-6; 2 Abakorinto 13



AMASHIMWE ADASANZWE

Abagalatiya 4:27
Kuko byanditswe ngo: "Ishime ngumba itabyara, Tera hejuru uvuge cyane utaramukwa ..."

Iyo uhaye umuntu impano y'agaciro kuri we, igisubizo cye kiba ako kanya. Ntategereza kuyigenzura, kuyigerageza cyangwa kuyisesengura. Ahita azamura amashimwe, agushimira, yishimye kandi yerekana umunezero we.

Uburyo dufitemo imigisha y'Imana busaba gushima mu rugero rudasanzwe. Nk'abantu b'ukwizera, ntabwo dutegereza kubona ngo hanyuma dushime. Twizera ko twakiriye n'igihe turi gusenga, aho gutegereza ko ibyo twasengeye biba.

Witegereza kugeza ubonye isezerano mu biganza byawe kugira ngo ubone gufungura akanwa kawe. Tangira gushima nonaha. Wiyumve nk'aho uri kwinjira mu miryango y'ubucuruzi bwawe bushya. Wumve urusaku rw'imfunguzo uri gufungura imodoka yawe nshya. Irebe uri gusinya amasezerano ya miliyari z'amadorali watsindiye. Kurura ifoto yawe usimbuka, nta bubabare kandi warakize neza. Gushima mbere bitegurira umwanya ibiri kuza.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, reka amashimwe yanjye azamuke mu kwizera. Uko nezerwa mbere yo kubona ibitangaza, reka imiryango ifunguke, amasezerano asinywe, kandi habeho gukira. Ngushimiye ubu ku byamaze gukorwa mu ijuru.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpimbaza Imana mbere yo kubona amasezerano. Amashimwe yanjye azamukira guhura n'imirimo itangaje Imana yamaze kuntegurira! Amen.

IBINDI BYANDITSWE
Amosi 9:13

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 251
Yesaya 7-9; Abagalatiya 1



FATA NEZA

Zaburi 105:15
Ntimukore ku bo nasīze...

Mu minsi yo ha mbere, kubaho kw'Imana bagutwaraga mu buturo bwera, Isanduku. Igihe Uza yarambuye ukuboko ngo aramire isanduku y'Imana, uburakari bwayo bwamukongerejweho, agwa aho ako kanya (2 Samweli 6:1-7). Yize mu buryo bukomeye ko kugerageza gufasha Imana utabiherewe amabwiriza ari ikintu cyagutera akaga gakomeye. Isanduku ntiyakorwagaho uburyo bubonetse bwose kuko yari ubuturo bw'Imana.

Ubu, kubaho kw'Imana kuri muri wowe. Uri ubuturo bw'Imana. Bisobanuye ko udakorwaho, ngo ufatwe cyangwa ngo wegerwe mu buryo bubonetse bwose. Igikomeye cyane muri uku kuri ni uko ari wowe ugena icyemerewe kugukoraho.

Iminsi yawe yo kucunaguzwa, gusuzugurwa cyangwa gufatwa nabi irarangiye. Imana iri gukora umurimo udasanzwe muri uyu mwaka, kandi uri uwo yasīze. Utwaye kubaho kwayo. Kandi ijuru rishimangira icyo wemerera n'icyo uhakanira.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ku kubaho kwawe kuri muri njye. Unyigishe kubaha icyo wasize amavuta, no kwiyubaha nk'ubuturo bwawe. Umpe ubushishozi bwo kumenya icyo ngomba kwemerera no gushira amanga ngo mpakanire ikidahesha icyubahiro kubaho kwawe mu buzima bwanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi uwasizwe n'Imana. Sinshobora gufatwa nabi. Kugeragera kunkoraho, kunyangiza cyangwa kundwanya kurahagaritswe kandi guciriwe urubanza mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
2 Timoteyo 4:14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI – UMUNSI WA 252
Yesaya 9-10; Abagalatiya 2



ABAGABO BAPFUYE NTIBABESHYA

Abagalatiya 2:20
Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye…

Hari igitabo kiswe ngo "Abaganga bapfuye ntibabeshya" Igitekerezo kiroroshye: ushobora kwigira ibintu byinshi ku byamaze gupfa. Tugendeye ku byanditswe, wowe wa kera yabambanywe na Kristo, "wowe" warugizwe n' isoni, ubwoba, gutsindwa no gushyirirwaho imbibi yarapfuye.

Abagabo bapfuye ntibaburana n'ukuri. Ntibagisha impaka cyangwa ngo bahakane icyo Imana ivuga. Nk'umukristo, ntukibaho ubeshejweho n'umubiri ahubwo ubeshejweho n'ubuzima bwa Kristo. Rero, nk'icyiremwa gishya, hari ibintu utagomba kongera kwibeshyaho ukundi. Ntukongere kuvuga ko wanzwe kandi warakiriwe mu bakundwa b'Imana. Reka kwiyita umunyantege nke kandi Umwuka w'Imana uri muri wowe. Ntukongere kuvuga ko hari icyo wabuze kandi ibintu byose ari ibyawe. Reka amagambo yawe yemeranye no kubambwa ndetse no kuzuka kwawe muri Kristo.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ko ubuzima bwanjye bwa kera bwabambanywe na Kristo. Reka ibitekerezo byanjye, amagambo, n'ibikorwa byanjye byerekane Uwo Kristo ariwe, kwera kwe n'ubutsinzi bwe. Mpisemo kubeshwaho n'uwo ndiwe muri wowe. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Njye wa kera yabambanywe na Kristo. Ubu mbeshejweho n'ubuzima bwe, ukuri kwe, n'ubutsinzi bwe. Nanze kurangwa n'ibitari byo, kandi ndatura gusa ibihuye n'ubuzima bwazutse muri Kristo. Ibinyoma byose biracecekeshejwe mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE
Yohana 1:12-13

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 253
Luka 17:20-37; Zaburi 94-96



GUTUNGA BIHINDURA ISENGESHO

Mariko 11:23
...Yizeye yuko icyo avuze gikorwa yakibona.

Hari urwego ugeramo mu kumenya Imana aho uba utagisenga; uratunga! Iyo ikintu kibaye icyawe mu mwuka, ururimi rwawe ruhinduka ruvuye mu gusaba rukajya mu guhamya cyangwa gutangaza ibyo wakiriye. Ntuba ugisaba ibyo wamaze kugira mu biganza byawe: uvuga nka nyiri ibyo utunze.

Njye n'umufasha wanjye twageze mu rwego aho gukenera bitakiri mubyo dutindaho. Nk'uko ibyanditswe bibivuga, "turihagije." Amasengesho yacu ntabwo acyibanda ku byo dukeneye ahubwo yibanda ku byo ubwami bw'Imana bukeneye: ibihugu, abantu, kwaguka, no gutera imbere. Ibyo nibyo ubutunzi bukora: bushyira isengesho ku rundi rwego.

Uyu mwaka, amasengesho yawe arahinduka. Uko ufata ibyo Kristo yamaze kuguharira, uzisanga usigaye uvuga udaturutse mu mwanya wo gukenera ahubwo uturutse mu mwanya wo gutunga. Uyu ni umwaka utunga ibyamaze kuba ibyawe mu mwuka, mu butunzi, mu bifatika no mu buhanuzi. Uzatunga byose mu butunzi bwawe mu izina rya Yesu!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye kubw'ububasha wampaye muri Kristo. Uhindure imyumvire yanjye ive mu gusaba ijye mu gutunga, kandi umfashe kuvuga nk'umutunzi, simvuge nk'umukene, mu izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite byose Imana yampaye. Ndaganza; sinsaba. Ndategeka kwaguka, kwihaza no gutera imbere bidasanzwe mu mpande zose z'ubuzima bwanjye!

IBINDI BYANDITSWE
1 Abakorinto 3:21; 2 Abakorinto 9:8

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 254
Yesaya 11-13; Abagalatiya 3



AMASENGESHO ADASANZWE

Zaburi 5:4
Uwiteka, mu gitondo uzajya wumva ijwi ryanjye, mu gitondo nzajya nerekeza gusenga kwanjye kuri wowe, mbe maso ntegereje.

Umuriro uturuka ku mavuta uri mu miriro ikomeye kuko igoye kuyihagarika. Igihe yamaze kwaka, iratwika cyane, ikagurumana vuba kandi ikanga kuzima iyo izimijwe mu buryo busanzwe. Ibishashi byawo bikwirakwira impande zose, bigenda byiyongera cyane. Iyi niyo shusho y'ubuzima bwo gusenga budasanzwe.

Iyo ushyize ibice by'ubuzima bwawe bwose ku gicaniro cy'Imana, umuriro uraka. Isengesho rihinduka ikintu gishobora kwaka, kigatwika icyo aricyo cyose gihuye na ryo. Ububi bumwe bw'umuriro w'amavuta buba inyungu zawe: kwaka umwanya munini, kudafatika, kugurumana, no kutazima igihe umwanzi ashaka kuwuzimya.

Muri uyu mwaka w'amavuta adasanzwe, ubuzima bwawe bwo gusenga buzaka nk'umuriro. Ntabwo ari rya sengesho rifite intege nke cyangwa risanzwe ryaka rizima, ahubwo ni isengesho rikwirakwira mu muryango wawe, mu myanzuro yawe, mu bukungu bwawe, no mu mikoro yawe. Isengesho rikururira ibice byatatanye by'ubuzima bwawe mu mwanya umwe imbere y'Imana rikabushyira ku gicaniro bukaka.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, reka umuriro w'Umwuka wawe umanuke ufatishe ubuzima bwanjye bwo gusenga ukoresheje amavuta adasanzwe. Utwike ibirangaza, intege nke no kudakora. Uhindure amasengesho yanjye kuba ahoraho, adasanzwe kandi adashobora kuzimywa n'umwanzi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko nshyira ubuzima bwanjye ku gicaniro, umuriro w'Imana ugafatisha buri ngingo zanjye zose, Ijuru rirasubiza kandi ukuzimu kugire ubwoba. Amasengesho yanjye arakomeye!

IBINDI BYANDITSWE
Mariko 1:35

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 255
Yesaya 14-16; Abagalatiya 4



NTA MURIMO

2 Timoteyo 1:10
Ariko none bukaba bwarerekanywe no kuboneka k'Umukiza wacu Kristo Yesu, wahinduye urupfu ubusa...

Uyu murongo wakabaye umwe mu mirongo ikomeye mu byanditswe, ariko siko bimeze, kuko abaKristo benshi batabasha kwakira ukuri gukomeye ugaragaza. Kudapfa si ibyo mu ijuru gusa; ni iby'ubu. Kandi impamvu irumvikana: Kristo yakuyeho urupfu.

Mu bwami bwacu, urupfu rwahinduwe ubusa. Ijambo katargéō mu kigereki, risobanuye rwagizwe imfabusa, nta murimo, ntirukora kandi ntirufite imbaraga, ni ubusa. Haleluya! Urupfu rwakuwemo imbaraga, ubushobozi n'ingaruka zarwo. Ntirukwiye gukoreshwa, gukora cyangwa kugira ingaruka mu buzima bw'Umukristo. Birabujijwe!

Hangara kugendera mu mucyo w'uku kuri. Bitekerezeho kugeza igihe bibaye igice cy'ubumenyi bwawe, ibyo utagishwaho impaka. Reka bihindure uko utekereza, uko uvuga, n'uko witwara ku bwoba, indwara n'imbogamizi. Kristo ntiyigeze arwana n'urupfu. Yarushyizeho iherezo. Ntushobora gupfa.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ku bw'umurimo warangije muri Kristo. Ngushimiye ko wakuyeho urupfu, waruciye intege kandi warugize ubusa mu buzima bwanjye. Reka uku guhishurirwa guture mu mwuka wanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Itegeko ry'umwuka w'ubuzima rirakora kandi rikorera mu buzima bwanjye. Urupfu nta bubasha rumfiteho. Nkuyeho umukoro wose w'urupfu! Rupfu, urirukanywe!

IBINDI BYANDITSWE
Abaheburayo 2:14-15;
Abaroma 8:1-2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 256
Yesaya 17-19; Abagalatiya 5



UWITEKA AZAHAGURUKA

Yesaya 28:21
Uwiteka azahaguruka nk'uko yahagurutse ku musozi Perasimu.

Iyo Uwiteka ahagurutse, byose birahinduka. Mu byanditswe byera byose, guhaguruka kwe ni ikimenyetso cy'ibikorwa bihamye. Iyo ahagurutse, ubutabera buratangwa, imbabazi ziratangwa kandi ibyasaga nkaho byahagaze bitangira kugenda. Ahaguruka igihe kudindira bidashobora gukomeza. Ahagurukira gukora mu mwanya w'abantu be, kubagirira ubuntu kugira ngo icyubahiro cyayo kigaragare mu buzima bwabo.

Ku musozi Perasimu, Uwiteka yarahagurutse ahomboka nk'uko amazi ahomboka. Yesaya yabyise "umurimo w'inzaduka," ikintu kititezwe cyatunguye abantu bose. Uko Uwiteka ahaguruka, icyo akora kizagutungura. Ntikizaba gito cyangwa gahoro. Kizaba cyihuse, kidashidikanywaho kandi mu gihe nyacyo.

Buri mwanzi wese w'iterambere ryawe, ryaba mu bukungu, indwara zanze gukira cyangwa imiryango ifunze, ibyananiranye mu mwuka cyangwa gutinda bihoraho, birahura n'akaga. Ibyakurwanyije bucece bizagwa bisakuza. Nta na kimwe cyahagarara mu nzira ye.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ko wahagurutse ku bwanjye. Reka buri kintu cyose gihagaze mu kurwanya ubuzima bwanjye, ubukungu bwanjye, n'umukoro wanjye bigwe imbere y'imbaraga zawe. Reka uyu ube umunsi imirimo yawe idasanzwe incira inzira.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uwiteka yahagurutse ku bwanjye! Ibyandwanyije bikuweho. Buri kudindira, ikigare kibi, n'ibindwanya byihishe biciriwe urubanza. Umurimo we udasanzwe uri mu nzira!

IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 68:1-4

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 257
Yesaya 20-22; Abagalatiya 6



INKURU NZIZA Y'AMAFARANGA

Mariko 16:15
Arababwira ati "Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza."

Bishobora kugutungura kumenya ko abakristo benshi, nubwo bavutse ubwa kabiri, batarumva ubutumwa bwiza. Ubutumwa bwiza (euagellion mu kigereki) ni inkuru nziza cyane kurenza iyo umuntu yakwizera. Benedata, nimba atari inkuru nziza, ntabwo ari ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo.

Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo bugomba kwigishwa ahantu hose, ntabwo ari ku bantu gusa, ahubwo no ku byaremwe byose. Ni ryari uheruka kubwiriza ubucuruzi bwawe? Ushobora kuba ubwiriza buri cyumweru, ariko se wigeze ubwira inkuru nziza konte yawe ya banki?

Reka uyu munsi ube umunsi utangiza cyangwa usubukura umuhamagaro wawe wo kuvuga ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo. Bubwire ibyaremwe byose, ikintu cyose cyaremwe. Inkuru nziza ahantu hose!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umfashe kwamamaza ubu ubutumwa bwiza nshize amanga kandi nta nkomyi. Reka gutunga, kwaguka no guhazwa nawe bibe impamvu yo gutera imbere k'ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo biciye mu buzima bwanjye, kubw'icyubahiro cyawe. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatangaza: amafaranga ari kunshakisha. Ntabwo nzabura amafaranga muri uyu mwaka. Konti yanjye, amafaranga yo mu bihugu bitandukanye ararwanira kuza agusanga! Ubucuruzi, uratera imbere mu buryo butigeze bubaho, isoko idakama y'abakiriya beza cyane! Ubukungu, uraguka kubw'icyubahiro cy'Imana. Ndabwira amafaranga yanjye: Inkuru Nziza kuri wowe!

IBINDI BYANDITSWE
Yeremiya 22:29

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 258
Yesaya 23-25; Abefeso 1



GoodNews DAILY

UBUBATA

Matayo 6:33
Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongerwa.

Abantu bafite ibyabagize imbata baba bafite umurongo bagenderamo. Bategura umunsi wabo bagendeye kubyo bifuza cyane. Babitekerezaho, bakabiteganyiriza, bakabikorera kandi bakabyitangira. Yesu yakoresheje ishusho imwe nk'iyi igihe avuga ati mushake ubwami bw'Imana. "Gushaka" (epizēteō mu rurimi rw'ikigereki) bivuze gushakisha ikintu cyangwa kucyifuza cyane imbere y'ibindi byose; ni ubukana budashobora kwirengagizwa.

Tekereza uko ushakisha Imana bibaye biri kuri urwo rwego. Umuntu aramutse agenzuye imyitwarire yawe, uko utekereza, ibyo uteganya, uko ukoresha umwanya wawe, yasanga warabaye imbata y'ibintu byerekeye Imana?

Iyo ibyo Imana ishaka bibaye iby'ingenzi kuri wowe, ibyo ukeneye ubyongerwa nta ngorane cyangwa ngo ubiruhire. Rekura umuco wo kuba indushyi, iyegurire imigambi y'Imana yose. Ubu nibwo bubata bwonyine Imana izatera inkunga.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, uhindure ibyifuzo byanjye kandi umpugure mu byo nibandaho. Unyigishe kugushakana umwete, intego n'ubwitange. Ukureho buri cyifuzo cyayobye kandi ugisimbuze inzara y'ubwami bwawe no kwera kwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye burangwa no kwibanda ku gushaka Imana. Nyotewe kubaho kw'Imana. Niyeguriye byuzuye umugambi w'Imana. Ndi imbata y'ubwami bw'Imana; ibyo nkeneye byose ndabyongerwa, kandi inyongera irizewe!

IBINDI BYANDITSWE
Imigani 23:4; Abafilipi 4:19

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 259
Yesaya 26-27; Abefeso 2



GUHINDURA IBIHE

Matayo 2:20
...Kuko abashakaga kumwica bapfuye.

Kugira intego bikurura kurwanywa. Mbere y'uko Yesu yavugaga Ijambo cyangwa yakoraga igitangaza, umwanzi yashakaga kumugirira nabi. Kurwanywa akenshi bigaragara cyane iyo ahazaza hagaragaye. Igisubizo cy'Imana mbere ntabwo cyari ukurwana ahubwo cyari ukurinda: hunga!

Ibyanditswe byerekana ko guhunga bishobora kuba uburyo bwo kwizera. Mu nzu ya Potifari, Yozefu yahunze ubusambanyi kugira ngo arinde ubupfura bwe. Dawidi yahunze Sawuli kugira ngo arinde umuhamagaro we. Pawulo yamanuwe mu gitebo ahunga icyago kugira ngo abeho azigishe ubutumwa bwiza undi munsi.

Yozefu, umugabo wa Mariya, yahawe amabwiriza yo guhunga kugira ngo arinde ubuzima bw'umwana. Ariko hari igihe Imana itangaza iti; "kuko abashakaga kumwica bapfuye." Ibihe birahinduka, umwanzi waguhigaga ubu niwe uhigwa. Imana y'ingabo z'abamalayika irakurwanirira. Reka kwiruka ahubwo ukomeze imbere. Ubu ni igihe cy'umwanzi ngo yiruke!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ko warinze ubuzima bwanjye n'ahazaza hanjye mu bihe byose narwanywaga. Umpe gushishoza kugira ngo menye igihe cyo guhunga n'ubwenge bwo kumenya igihe cyo gukomeza imbere. Ngushimiye ko undwanirira ukanarimbura buri kimwe cyose cyambuza gukora umuhamagaro wanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndaturako ko umwanzi wese w'ahazaza hanjye aciwe intege. Imana imfatishije ukuboko kwayo kw'iburyo!

IBINDI BYANDITSWE
Yesaya 41:11-13

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 260
Luka 18:1-17; Zaburi 97-99



GoodNews DAILY

UBURYO AMAVUTA AKORAMO

Zaburi 133:2
Bimeze nk'amavuta y'igiciro cyinshi yasutswe ku mutwe, agatembera mu bwanwa, mu bwanwa bwa Aroni, agatembera ku misozo y'imyenda ye.

Amafi amwe yoga agana isoko y'amazi, gusa bisaba imbaraga nyinshi kurusha izakoreshwa aramutse yoze akurikiye umuyoboro amazi agendamo. Buri kimwe cyose kirakomera, iterambere rigatinda, imbaraga zigashira, kandi kurwanywa bigahoraho. Ubuzima nabwo bugenda gutyo iyo budafitemo kubaha. Ninko kugerageza gusimbuka uva ku butaka ariko ushinze umutwe hasi.

Gusigwa amavuta bifasha koroshya ahari hakomeye; ukora byinshi ukoresheje imbaraga nkeya. Ariko kandi, Imana yagennye ko gusiga amavuta biba mu buryo bwihariye: amavuta ahera ku mutwe amanuka hasi.

Iyo wamenye kandi ugaha icyubahiro abo Imana yashyize hejuru yawe, ushyirwa mu mwanya mwiza wo kwakira amavuta. Amavuta wubaha niyo mavuta ukurura.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye uburyo washyizeho bwo gutemba kw'amavuta. Umfashe kumenya no guha agaciro ubuntu washyize ku bandi, no kubaha ubwo buntu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ngendera mu murongo w'ijuru n'icyubahiro cyaryo. Uko menya kandi ngaha agaciro abo Imana yashyize hejuru yanjye, amavuta aratemba mu buzima bwanjye mu buryo busesuye. Nakiriye byose amavuta ari ku bakozi b'Imana azana mu buzima bwanjye mu izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Abaheburayo 7:7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 261
Yesaya 28-29; Abefeso 3



UBUNTU BUTIRINDWA

Yesaya 60:2
...Ariko Uwiteka azakurasira kandi ubwiza bwe buzakugaragaraho.

Tekereza kwinjira mu cyumba maze umwuka urimo ugahita uhinduka. Ibiganiro bigahagarara. Abantu bagahindukira. Bagatangira guhwihwisa bati, "uriya ni nde?" Nta jambo na rimwe uravuga, ariko ikiri muri wowe kigategeka ko bakwitaho muri ako kanya. Abantu bakaguha umwanya; bakaguharira intebe zabo, atari uko bazi izina ryawe, ahubwo ari ukubera kubaho kw'Imana ufite muri wowe.

Icyo nicyo ubuntu bukora. Bushyira itandukaniro hagati yawe n'abandi utabanje kwivuga. Hari amavuta adasanzwe ari ku buzima bwawe ahindura uko abantu bakwakira. Mu hahise, ushobora kuba warasuzugurwaga cyangwa bakagucaho nk'abatakubonye. Uyu mwaka, ibyo ntibigishobotse.

Ntabwo uzinjira mu byumba gusa; uzabitegeka. Uzahabwa amahirwe atari asanzwe ari mubyo uteganya. Abantu bazakubaha nabo ubwabo batazi impamvu. Ntuzabyibazeho. Ntuzabisuzugure. Ntuzabyicuze. Warabitoranyirijwe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye kubw'icyubahiro cyawe kiri kuri njye. Reka buri cyumba ninjiramo cyakire kubaho kwawe kuri muri njye. Reka ubuntu bwawe bufungure imiryango kandi buntere kumenyekana bidasabye ubusobanuro.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite ubuntu budashidikanywaho. No mu mutuzo, ndagaragara. Ntabwo niruka ku bintu; ndabitegeka. Icyubahiro cy'Imana cyiragaragara kuri njye, kandi amavuta adasanzwe aramvugira aho ngiye hose.

IBINDI BYANDITSWE
Daniyeli 1:9; Yesaya 60:1-2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 262
Yesaya 30-31; Abefeso 4



HANZE Y'IYI SI

Yohana 17:14
...Kuko atari ab'isi, nk'uko nanjye ntari uw'isi.

Abantu batangazwa cyane n'imikorere y'ibivejuru kuko bisa nk'aho bikorera ku mategeko adahura n'ibyo tubasha kumva. Bigenda mu buryo butandukanye, bikahagera mu buryo butunguranye, kandi bigasiga abashakashatsi bashakisha ubusobanuro bwabyo.

Imyitwarire imwe nk'iyo yakurikiye Yesu. Igihe yakizaga abarwayi kandi agakora ibitangaza, abantu bavugaga ko batigeze babona ibintu nk'ibyo bikorwa mbere. Imirimo ye ntiyakurikizaga uburyo bumenyerewe. Yari irenze iyo muri iyi si.

Imikorere imwe nk'iyi niyo ukurikiza. Uburyo ukora ubucuruzi bwawe buzagaragara nk'ubudasanzwe. Uburyo ukoreramo amafaranga ntibuzahura n'ubusanzwe. Abakiriya bazakwisangira, imiryango izagufungukira, kandi ibyo uhabwa bizatera abandi guhagaraga gato bakavuga bati, "ntitwigeze tubona bikorwa muri ubu buryo." Ufite inzira zitandukanye, imiteganyirize itandukanye, ubundi buryo bwo kubona ibisubizo. Uri uwo hanze y'iyi si!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, utume imirimo yanjye, imiteganyirize, no gutera imbere bikora mu buryo burenze ubwa muntu, kugira ngo icyubahiro cyawe nticyibeshyweho mu buzima bwanjye. Nakiriye ubuntu bwo gukorera mu isi itandukanye no gutanga umusaruro washobora gusobanurwa nawe wenyine.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkorera mu murongo wo ku rwego rwo hejuru. Ibisubizo byanjye bihamya ko ntari uw'iyi si. Buri kintu cyose ku buzima bwanjye ntigisanzwe!

IBINDI BYANDITSWE
Mariko 2:12

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 263
Yesaya 32-33; Abefeso 5:1-16



BININI!

Luka 5:4
...Igira imuhengeri, mujugunye inshundura murobe.

Umubare umwe mu mibare minini ibaho ni rimwe (1) ikurikiwe n'amazeru ijana (100). Undi mubare munini cyane ubaho ni rimwe ikurikiwe n'amazeru ijana incuro icumi. Inyuma y'aho abanyamibare bakoresha imibare minini cyane ishobora kwandikwa hifashishijwe ibimenyetso byo mu mibare. Umubare dushobora kwita munini ni uwo tuba twihitiyemo guhagarariraho.

Dufite imitekerereze nk'iya Kristo, imitekerereze idafite imbibi. Rero, n'ubwo imibare mito ishobora kumvikana nk'aho nta kibazo cyayo, ariko Imana ntiyigeze ibwira abantu bayo gutekereza mu buryo bucirititse. Yesu yabwiye Petero kujugunya inshundura ze mu muhengeri kure, ntiyamubwiye kuzijugunya hafi, kandi umusaruro wabaye mwinshi cyane kugeza aho watumye inshundura zenda gucika.

Ntugatinye imibare minini. Ibwire uti ibihumbi icumi by'amadorali ni amafaranga yoroheje. Wibwire ko miliyoni ebyiri z'amadorali ari amafaranga y'ibiryo bya saa sita. Wibwire ko miliyari y'amadorali ariwo mushahara wawe fatizo. Koresha kwizera ujugunya inshundura zawe kure mu mazi. Nturekere kugeza igihe ugeze aho ukeneye guhimba izina rishya ryasobanura uburyo uri umutunzi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Data, wagure intumbero yanjye kandi unkurireho ubwoba bwose ku bijyanye no gutera imbere. Unyigishe gutekereza mu buryo bwagutse no kudasuzugura ububasha bwawe bwo kungira umutunzi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzatangaza imibare ihura no gukomera kw'Imana nkorera. Uyu ni umwaka wanjye wo kujugunya inshundura kure mu mazi, Imana yuzuza inshundura zanjye kugeza zenda gucika.

IBINDI BYANDITSWE
1 Abakorinto 2:16

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 264
Yesaya 34-36; Abefeso 5:17-33



UBUZIMA BUDASANZWE

Luka 2:26
Yari yarahanuriwe n'Umwuka Wera, ko atazapfa atarabona Kristo w'Umwami Imana.

Ufite ubuzima bumwe nk'ubwo Imana ifite; ni ukuri kwa none. Yohana 3:16 havuga ko uwizera Kristo wese atarimbuka ahubwo ahabwa ubugingo buhoraho. Icyaremwe gishya muri Kristo ntabwo gikwiriye kubaho ubuzima butegereje gupfa. Ugomba kugira ubuzima (zōé mu kigereki), bisobanuye ubuzima nk'uko Imana ibufite, none.

Simiyoni yakiriye ubuhanuzi buvuye ku Mwuka Wera ko atazapfa atabonye Mesiya. Ariko wowe ufite ikirenze ubuhanuzi kurenza Simiyoni: Umwuka utanga ubuzima ubu utuye muri wowe. Igitabo cy'abaroma kitubwira ko Umwuka umwe wazuye Kristo mu bapfuye uzazura n'imibiri yanyu ipfa, uwo Mwuka uzakomeza gutanga ubuzima, imbaraga, no kubasubizamo imbaraga mu mubiri.

Vugurura imitekerereze yawe yuko utazapfa. Hitamo. Izere. Ibwire uti: " nzabaho kandi neza kugeza igihe Umwami azazira." Baho!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye kubw'ubuzima bwawe muri njye. Uyu munsi neguriye ingingo zanjye Umwuka utanga ubuzima kugira ngo mbashe kubona ubugingo bw'iteka bukora muri njye nonaha.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite ubuzima bw'Imana muri njye. Sinzapfa. Ndategeka kandi ndatangaza ko nzaba ndiho kandi neza igihe Umwami azagarukira.

IBINDI BYANDITSWE
1 Abakorinto 15:51

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 265
Yesaya 37-38; Abefeso 6



UBWISHINGIZI BW'UBUZIMA

2 Abakorinto 9:7
Umuntu wese atange nk'uko abigambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa kuko Imana ikunda utanga anezerewe.

Abantu bagura ubwishingizi bw'ubuzima kugira ngo bubahe ubwirinzi, kwiteganyiriza, cyangwa umutekano w'abo bakunda bazasiga inyuma. Ariko mu bwami bw'Imana, hari ubundi bwoko bw'ubwishingizi, ubwishingizi bukurinda. Iyo unezerewe, wishimira gutanga, uba wiyandikishije ku bwishingizi bw'Imana bw'ubuzima budasanzwe.

Dorokasi yari umugore muri Bibiliya wazuwe kubera ibikorwa bihoraho bye byo gutanga. Imbuto ye yaramuvugiye igihe atari gushobora kwivugira, maze Imana izigama ubuzima bw'umuntu utanga.

Tegura ubwishingizi bwawe uba umuntu utanga Imana iri gushakisha; ntube wawundi utanga ahatirijwe, ahubwo wawundi utanga anezerewe, azi neza ko ari kuzuza gushaka k'umutima w'Imana.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ku bw'ubuntu bwo kwakira ubutumire bwo gutanga nshyizemo umwete kandi mbishaka. Reka ibyishimo byanjye bibe mu kukunezeza mubyo nkora byose.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umuntu wishimiye kandi witeguye gutangira Imana! Uko ntanga, ndizigamira uburinzi bw'Imana ku buzima bwanjye, imibereho yanjye, umuryango wanjye, n'ahazaza hanjye. Amen.

IBINDI BYANDITSWE
Ibyakozwe n'Intumwa 9:36-41

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 266
Yesaya 39-40; Abafilipi 1



IMIRIMO IDASANZWE, IBIKORWA BY'INZADUKA

Yohana 10:34
Yesu arabasubiza ati "Ntibyanditswe mu mategeko yanyu ngo: Muri Imana?"

Twaremwe mu ishusho y'Imana no mu misusire yayo. Ibyo bisobanuye ko dusa n'Imana atari gusa mu ishusho, ahubwo no mu buryo bw'imikorere. Yesaya atubwira ko Uwiteka azakora Umurimo we udasanzwe, Umurimo we w'Inzaduka. Nimba imirimo y'Imana idasanzwe kandi ar'iyinzaduka, nk'abaremwe mu ishusho yayo natwe niko imirimo yacu igomba kuba.

Kuzana ubugingo kuri Kristo ukabutegurira kuva kuri uyu mubumbe ni umurimo udasanzwe. Gutegura ubuzima bw'iherezo mu bihe isi yiruka inyuma y'igihe ni umurimo w'inzaduka. Kubiba mu bwami bw'Imana kugira ngo amahanga abashe kuzanwa kuri Kristo mu munsi umwe ni umurimo udasanzwe.

Ufite uturemangingo tw'Imana, Imana ihindura ibisanzwe kandi inyuranya n'imikorere isanzwe. Iyo kubaha kwawe gusa n'ukudasanzwe, cyangwa iyo umukoro wawe usa nk'uwarenze inzira z'iyi si, ujye wibuka ko uwo niwe uri we. Waremewe imirimo idashobora gusobanurwa hadashyizwemo Imana.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umbohore ku myumvire yo gukenera ko abandi banyemera, kandi umpe imbaraga zo gukora imikoro yanjye maze mpinyuze ibisanzwe. Reka mbe umutangabuhamya wuzuye w'uko uri gukorera imirimo yawe idasanzwe muri njye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite uturemangingo tw'Imana. Nkora imirimo idasanzwe n'imirimo y'inzaduka nshize amanga. Nzana ubugingo kuri Kristo nkoresheje uburyo budasanzwe!

IBINDI BYANDITSWE
Yesaya 28:21

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 267
Luka 18:18-43; Zaburi 100-102



GoodNews DAILY

IBIVEJURU

Abafilipi 3:20
Naho twebweho iwacu ni mu ijuru,...

Ikivejuru mu buryo bworoshye cyumvikana ko kiva hanze y'isi: ubuzima bw'ikivejuru buva ku mugabane utandukanye. Abakristo bashobora gusobanurwa gutyo neza nk'ibivejuru. Turi abanyamahanga ku isi, abaturage b'ijuru bari kuba by'igihe gito mu bahamagariwe kwiyunga na Kristo.

Iyo uri kuba mu gihugu cy'amahanga, ushobora kwiga ururimi rwabo, ukubaha umuco uhasanze, ariko uguma uri indahemuka ku gihugu cyawe. Indangagaciro zawe, ibyemezo ufata, n'uwo uriwe biva ku gihugu cyawe wavukiyemo. Ushobora kuba usa na buri wese, ariko uba utandukanye. Imvugo yawe, iby'ibanze kuri wowe, inshingano, byose byerekana aho ukomoka by'ukuri.

Intwari mu kwizera zamenyekanye nk'izitari izo kuri iyi si. Intumwa Petero avugwa nk'umunyamahanga n'umusuhuke. Isi ni umukoro wawe, ntabwo ari inkomoko yawe. Uri hano gusa ngo uhakorere. Mu ijuru niho ukomoka by'ukuri; mu Isi uri kuhasura gusa.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, urinde umutima wanjye kwizingira mu by'isi. Reka ubuzima bwanjye bugaragaze byuzuye umuco wo mu ijuru aho nturuka n'Imana nerekana.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umuturage wo mu Ijuru. Ubudahemuka bwanjye buri kuri Kristo wenyine. Mfite umuco wo mu Ijuru kandi nuzuza inshingano zanjye zo ku isi ntaretse kuba uwo ndiwe by'iteka. Ndi mu isi, ariko si ndi uw'isi, mu izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Abaheburayo 11:13

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 268
Yesaya 41-42; Abafilipi 2



AMAVUTA ASUKUYE

Umubwiriza 10:1
Isazi zipfuye zituma amadahano yoshejwe n'abosa anuka nabi,...

Umubiri w'umuntu urekura kandi ukakira imbaraga mu buryo buhoraho. Turi imiyoboro y'imbaraga n'abakira imbaraga, dukora cyane nka antene za radio cyangwa televiziyo. Niyo mpamvu ibyanditswe Byera bitanga amabwiriza asobanutse ku bijyanye no guhura k'umubiri n'umwuka. Iyo habayeho kurambikwaho ibiganza, amavuta arahererekanywa, yaba ari ay'Imana cyangwa atari ay'Imana.

Kubera ko urwo ruhererekane rutirindwa, gushishoza ni ingenzi. Bibiliya ntabwo ivuga kwirinda guhabwa imbaraga muri rusange; ivuga kutabyemera igihe bibaye mu buryo butunguranye. Hagomba kubanza kugaragazwa isoko y'izo mbaraga mu buryo bufatika. Nk'umugezi, amavuta atemba ava ku mutwe amanuka. Iyo umutwe wanduye, umuyoboro wose ugerwaho n'umwanda; kandi ntibisaba ibintu byinshi ngo handuzwe icyari gisukuye.

Ikintu cyose gifite imitwe irenze umwe ni ikinyamanswa. Urujijo rwo mu Mwuka ruza igihe wakiriye ibiva ku majwi menshi atandukanye. Imana itanga ijwi rimwe, umutwe umwe, isoko imwe y'ihishurirwa ariho amavuta atemba ava. Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, hitamo neza nyir'amaboko, amagambo, n'umwuka ibyo wakira biturukaho. Rinda Amavuta yawe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umpe gushishoza no kumenya ijwi wanyohererereje kugira ngo mbashe kwakira ibiva kuri wowe gusa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Amavuta yanjye arasukuye. Nakira gusa ibiva ku isoko Imana yampaye. Ndategeka kandi ndatangaza ko nta sazi zizatuma ku mavuta yanjye.

IBINDI BYANDITSWE
1 Timoteyo 5:22

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 269
Yesaya 43-44; Abafilipi 3



UZIRA UBURETWA

Yesaya 10:27
...Uburetwa buzamarwa no gusigwa.

Benshi bigishijwe ko iki cyanditswe gisobanuye ko gusigwa amavuta aribyo bizakuraho uburetwa nyuma y'uko amavuta yamaze gusigwa umuntu. Ariko, ibi bigabanya uburemere bw'iki cyanditswe. Gusigwa amavuta bavuze aha ntabwo ari igikorwa gusa cyo gukuraho uburetwa; ahubwo gifite imbaraga zo kukurinda uburetwa ntibukugereho.

Tekereza itandukaniro riri hagati yo gusana no kurinda. Wahitamo ko uhindurirwa uburetwa noneho nyuma bugakurwaho cyangwa wahitamo kurindwa ukaba uzira uburetwa? iki kigereranyo ni kimwe nk'icyo gukira indwara no kubaho ubuzima butagira indwara bwo mu ijuru. Gukira indwara bisana icyo indwara yari yarangije, ariko ubuzima butagira indwara bwo mu ijuru burinda indwara kukugeraho. Kimwe ni cyiza; ikindi ni cyiza kurushaho.

Iyo amavuta ahari kandi akora, gutotezwa ntibyabaho, inzitizi ntabwo zakwikomeza, kandi umutwaro ntiwakwizirikaho. Aya Mavuta adasanzwe arema ibihe aho uburetwa butabasha kubaho. Igihe bagerageje kukwegera, bakurwaho.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ko wanshyiriyeho ibihe binkikije aho gutotezwa, inzitizi, n'imiruho bitabonera amahoro cyangwa ngo bigaruke. Reka aya mavuta akore muri buri gice cyose cy'ubuzima bwanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzira uburetwa. Kubera aya Mavuta Adasanzwe, nta mutwaro, inzitizi, cyangwa gukandamizwa bizamfataho mu izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE
Abagalatiya 5:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 270
Yesaya 45-46; Abafilipi 4



GoodNews DAILY

INSTINZI ITARUHIJE

Josuwa 10:11
Nuko bagihunga... Uwiteka amanura amabuye manini y'urubura avuye mu ijuru, agenda ababondagura barinda bagera kuri Azeka. Nuko barapfa, abishwe n'urubura barutaga abo Abisirayeli bicishije inkota.

Icyanditswe cy'uyu munsi cyerekana urugamba aho abanzi benshi bishwe n'urubura rwoherejwe n'Imana kurusha abishwe n'inkota z'abisirayeli. Ibi ntibyari umusaruro w'ubumenyi mu kurwana ingabo zari zifite, uburyo bw'imirwanire, cyangwa imbaraga ahubwo byari uruhare rw'Imana.

Hari ibihe Imana iba idashaka kuguha imbaraga gusa ngo urwane. Ishaka ko bimenyekana ko yo ubwayo yinjiye mu kibazo nk'indwanyi. Ni umurimo udasanzwe. Uyu mwaka, Imana ishaka ko utibeshya ko intsinzi yavuye mu mbaraga zawe. Urugamba ntirukiri koherezwaho ingabo; Imana irakurwaninira yo ubwayo kugira ngo hatagira uwirata ko ariwe wabikoze.

Muri ibi bihe, ntupimire intsinzi yawe ku mbaraga wabishyizemo. Reba uko ukuboko kw'Imana gukora ibyo Imana yonyine ishobora gukora mu nzira zidasiga urujijo ko ariyo yonyine yatanze intsinzi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ko undwanirira kandi ukanzigamira intsinzi. Reka ibivamo bihamye ko ari ukuboko kwawe konyine.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana yonyine niyo indwanirira, kandi intsinzi ntishidikanywaho. Abanzi banjye bazaba abanzi hagati yabo ubwabo. Nzatanga ubuhamya!

IBINDI BYANDITSWE
2 Ingoma 20:15

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 271
Yesaya 47-49; Abakolosayi 1



GoodNews DAILY

ABANZI BATUJE

Imigani 16:7
Iyo imigenzereze y'umuntu inezeza Uwiteka, atuma n'abanzi be buzura na we.

Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, Imana yaguhaye amahoro hagati yawe n'abanzi bawe binyuze mu bwoba bwera. Nta mpaka zikenewe. Imana iri gukemura ibibazo mbere y'uko uhagera. Ni nko gutegereza urubanza rw'amategeko rw'igihe kirekire, nyuma ugasanga umucamanza yararuciye mu nyungu zawe na mbere y'uko ugera mu rukiko. Ntuzinjirire guhangana, ahubwo uzinjirire gufata intsinzi yawe.

Ugende wemye mu bisigaye by'uyu mwaka uzi neza ko Imana yakugenze imbere kandi yateguye inzira zawe ngo ugende mu mahoro. Wishime kuko uziko abanzi bawe bazaba incuti zawe uyu mwaka. Ntibizaba kubera ko bagukunze cyangwa imitima yabo yahindutse, ahubwo kubera ko bagutinye. Abigeze kukurwanya ubu bazajya bakwirinda, kuko bazamenya ko kukurwanya bifite ingaruka. Haleluya!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ko urwanya abandwanya. Kubera wowe, nzagendera mu mahoro.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Buri mwanzi wese azatitira nambona, cyangwa gusa niyumva izina ryanjye. Nta kundwanya kuzambaho, kuko Imana iri kumwe nanjye. Ibiraka biraje. Amafaranga araje. Ntaw' uzahagararira kundwanya!

IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 2:1-5

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 272
Yesaya 50-52; Abakolosayi 2



IGIKURAHO IMINKANYARI

Itangiriro 18:14
Hari ikinanira Uwiteka se?...

Bibiliya itubwira Sara wari ufite imyaka mirongo itandatu n'itanu igihe umuhungu wa Farawo yamurebaga akamwishimira avuga ngo "mama miya" imyaka mirongo itandatu n'itanu! Igihe, imyaka, n'umubiri nta mbaraga byagize mu guhisha uko yasaga. Iminkanyari ntiyagaragaraga.

Esiteri we byagenze gute? Tugendeye ku bihe icyo gihe, yari afite hagati y'imyaka mirongo icyenda n'itanu n'ijana na cumi n'itanu igihe yajyanwaga mu ngoro y'Umwami Ahasuwerusi. Ariko Bibiliya ivuga ko yahatanye n'abakobwa bato kandi agatsinda! Esiteri wari ushaje yariyerekanye, maze umwami aravuga ati "uriya niwe nkunze."

Ntukore ikosa ryo gutekereza ko ndi kubwira abagore gusa ahangaha. Ndi kugutangariza ko "iminkanyari" y'umubiri ufatika, ibyahise, cyangwa ubukungu bitazagukura mu bagenewe ibyo Imana iri gukora muri uyu mwaka. Iminkanyari yawe y'ahahise ntacyo izagutwara. Ibyasaga nk'ibyarangije igihe byabaye ibidasanzwe. Ibyari kukubuza amahirwe byirengagijwe. Uwiteka ari gukora ibikorwa bye bidasanzwe!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ko ukora ibishobora gukorwa nawe wenyine. Reka buri kimenyetso cyo gutinda, kudindira cyangwa guhagarikwa gikurweho n'umurimo wawe udasanzwe mu buzima bwanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Gutinda birarangiye! Igihe cyanjye kiragaruwe, kandi umunkanyari wose w'ahahise ukuweho. Ibyambuzaga amahirwe byahindukijwe n'umurimo udasanzwe w'Imana. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE
Itangiriro 12:9-15;
Esiteri 2:7-17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 273
Yesaya 53-55; Abakolosayi 3



UMUYOBOZI WAWE WA GIHANUZI WA BURI MUNSI

InkuruNziza ya Buri Munsi yishimiye kumurika ibyiciro bishya byandikiwe abana ndetse n'ingimbi mu buryo bwihariye, bikaba bije biherekeza Icyiciro cyari gisanzwe. Buri cyiciro gitanga Ijambo rya gihanuzi rya buri munsi rivuye ku mutima w'Umuhanuzi Uebert Angel, rikagaragazwa mu buryo bwumvikanira buri wese ku myaka ye kandi rigahuza buri wese mu muryango.

Izi nyigisho zanditswe neza kugira ngo Ijambo ry'Imana rigire ubuzima mu buryo bwisanisha n'ubuzima tubamo kandi rigire umumaro, bityo rifashe abarisoma gukura mu kwizera, mu bwenge ndetse no gukura mu mwuka. Intego yacu ni ugushimangira ko ukuri kw'Imana kugera ku mutima wa buri wese ku kigero cye, bikabatera gushaka kugirana urugendo rwimbitse n'Imana buri munsi.



CYICIRO CY'INGIMBI

Kijya byimbitse gikoresheje ihishurirwa rikomeye riha ubushobozi abato bwo kunyura mu bibazo by'isi bafite ubwenge bw'umwuka n'imbaraga.

ICYICIRO CY'ABANA

Cyanditswe ku buryo kibasha kugaragaza ukwizera, urukundo ndetse n'amasezerano y'Imana mu buryo bushimishije kandi bwisanisha na buri wese bigafasha imitima y'abana kugirana umubano ukomeye n'Imana kandi bikazana inyigisho za Bibiliya mu buzima busanzwe.

Buri munsi, uzabona Ijambo ryawe rya Gihanuzi ryanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel, ubutumwa buva ku Mana bwo gukomeza urugendo rwawe n'Imana kandi bukakuyobora mu kubaho mu Ijambo ryayo. Ni uburyo bukomeye bwo gukura hamwe nk'umuryango mu kwizera kandi bigakomeza gusobanukirwa ukuri kw'Imana kwawe.

NTUCIKWE!

Tangira kubona imbaraga zihindura ziri mu NkuruNziza ya Buri Munsi, umuyobozi wa gihanuzi wagenewe kuzamura ndetse no kwereka ibyiza buri kigero!

SCAN ME



UMWAMI WACU

YESU KRISTO

Umwami wacu Yesu Kristo ni we buye rukomeza imfuruka ry'Ukwizera kwa Gikristo, ubuzima bwe n'inyigisho ze byagize ingaruka ku mateka y'isi. Umwami wacu Yesu Kristo azwiho urukundo rutagereranwa, ubwenge, n'ibitangaza yakoze. Ubutumwe bushingiye ku rukundo, imbabazi, ndetse n'isezerano ry'Ubuzima buhoraho, bitanga ibyiringiro no gucungurwa kuri bose bamwizeye. Mu murimo we, yagiye hose ku butaka bw'I Yudeya, akiza abarwayi, ahumuriza abaremerewe, kandi yigisha iby'ubwami bw'Imana buhoraho.

Kwakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza w'ubugingo bwawe bisobanuye kwakira inyigisho ze no kwemerera ukubaho kwe guhindura kukaza mu buzima bwawe. Ni urugendo rugana mu gutunganirwa kw'umwuka, rushinze imizi mu kwizera, urukundo, no mu isezerano ry'agakiza.

Mu Mwami wacu Yesu Kristo, tubonamo imbaraga, ibyiringiro, n'inzira ijyana ku mahoro adashira. Guhindurwa mushya, cyangwa se gukizwa, ni ukubaha Imana n'umugambi wyo ndetse n'ubushake bwayo ku buzima bwacu. Ni ukuva mu migendere yacu ya kera tugahundukirira Yesu Kristo, kumusaba imbabazi z'ibyaha byacu maze akaduha ubuzima bushya muri We.

Abaroma 10:9 haravuga hati: "Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa."

Agakiza ni impano itagira ikiguzi duhabwa n'Imana maze tukaba abana bayo. Ni ukwemezwa kudasubirwaho mu muryango w'Imana kandi ni imbaraga duhabwa zo kubaho ubuzima bwuzuye kandi bwiza dufite intego yo kwerekana Imana ku bindi biremwa byayo.



ESE WAKIRIYE

YESU KRISTO?

“kandi Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye.” -Luka 19:10

TURAGUTUMIYE KUGIRA NGO UHINDURE YESU KRISTO UMWAMI W’UBUZIMA BWAWE MU GUSENGA IRI SENGESHO

O Mwami Imana, nje iwawe mu Izina rya Yesu Kristo. Nizeye n’umutima wanjye wose muri Yesu Kristo, Umwana w’Imana Nzima. Nizeye ko yampfiriye kandi Imana ikamuzura mu bapfuye. Nizeye ko ari muzima uyu munsi. Ndatuza akanwa kanjye ko Yesu Kristo ari umwami w’ubuzima bwanjye guhera uyu munsi. Muri We no mu Izina rye, mfite ubugingo buhoraho; mvutse ubwa kabiri. Urakoze Mwami, gucungura ubugingo bwanjye! Ubu ndi umwana w’Imana. Haleluya!

Mbega ibyishimo!
Ubu ubaye umwana w’Imana.

Komeza gukura uguma mu Ijambo ry’Imana, usenga buri munsi, kandi ukomeze ukwizera kwawe. Imana igufitiye ibyiza bihambaye mu rugendo rwawe ruri imbere!

Ukeneye ubufasha kugira ngo ukomeze gukura muri Kristo waduhamagara:
UK: +44 3333 448 612 **| USA** +1 240 781 6942
RSA: +27 51 004 0209 **| ZWE** +263 773 195 955
Email: gnd@goodnewsworld.com

SCAN ME



Ukikijwe n'imbaraga z'Imana, nta cyago cyahagarara imbere yawe!

YESAYA 54.

14. Nubatswe nkomeye, nshinzwe mu gukiranuka. Kure y'ikibazo cyose – ntacyo gutinya! Kure y'ibiteye ubwoba – ntabwo bizananyegera!

15. Umuntu uwari we wese nantera, ntabwo nzatekereza na rimwe ko ari Imana yamwohereje. Kandi nantera, ntakizavamo.

16. Imana yaremye umucuzi utwika inyundo ye, agakora intwaro yagenewe kwica. Ni nayo yaremye umurimbuzi.

17. Ariko nta ntwaro yagira icyo intwara yigeze icurwa. Uwo ari we wese undega azirukanwa nk'umunyabinyoma. Ndi umukozi w'Imana bityo iki nicyo nategereza, ko Imana izakora ku buryo buri kintu gikorera kuzana ibyiza birusha ibindi byose ku bwanjye.

IBI NI BYO IMANA IMBWIRA KANDI NTIBIZABURA GUSOHORA MU IZINA RYA YESU!

Ukeneye ubufasha kugira ngo ukomeze gukura muri Kristo waduhamagara:
UK: +44 3333 448 612 **| USA** +1 240 781 6942
RSA: +27 51 004 0209 **| ZWE** +263 773 195 955
Email: gnd@goodnewsworld.com

SCAN ME



IYEREKWA RY'ISI YOSE

RIKENERA INGENGO Y'IMARI Y'ISI YOSE

BA UMUFATANYABIKORWA W'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI



Buri kwezi abafatanyabikorwa bacu, bashyikiriza ibitabo by'iyi nyigisho y'Inkuru Nziza ku buntu ku bantu bari mu bigo by'imfunyi, za gereza, mu bitaro, mu nzu z'abakuze, mu bigo bya leta ndetse n'ahandi henshi ku isi yose. Twakiriye ubuhamya bw'abakiriye agakiza, abakize indwara, guhabwa kw'igitangaza n'ibindi byinshi byaje nk'umusaruro wo gutanga iyi nyigisho ku isi yose.

Ifatanye hamwe natwe muri uyu murimo w'Imana uha umuntu amahirwe yo gutangira bundi bushya no kugira ibyiringiro by'ejo hazaza.

Ifatanye natwe uba Umufatanyabikorwa n'Inkuru Nziza ya Buri Munsi
UK: +44 3333 448 612 **| USA** +1 240 781 6942
RSA: +27 51 004 0209 **| ZWE** +263 773 195 955
Email: gnd@goodnewsworld.com

SCAN ME



UBUTUMWA BUMWE

MU NDIMI NYINSHI

KUKO UBUTUMWA BWA KRISTO BUTAGIRA UMUPAKA W'URURIMI

InkuruNziza ya Buri Munsi iri guhindura ubuzima ku isi yose binyuze mu kuyisemura mu ndimi nyinshi, biha amahirwe benshi yo kuyisoma bakamenya ubumenyi bwa Yesu Kristo bukiza. Mu bihugu no mu mico itandukanye, abantu batandukanye babona Ijambo rya Gihanuzi kandi bakabaho ubuzima bw'impinduka hamwe n'Imana muri iyi nyigisho.



NkuruNziza ya Buri Munsi iri kurenga imbibi kandi ikavuga byeruye mu mitima y'abantu mu rurimi rwabo bumva. Kuva mu ngo no mu mashuri kugera mu nsengero, za kaminuza ndetse no mu bayobozi n'abakuru b'ibihugu, iri kugera muri buri rwego rw'imibereho.

Mu gutwara Ijambo ry Gihanuzi ry'Umuhanuzi Uebert Angel muri buri gihugu ndetse na buri rurimi, InkuruNziza ya buri munsi iri gufasha mu gusohoza umukoro ukomeye wo kubwiriza ubutumwa bwiza muri iki gihe.

KUGIRA NGO UBE UMUFATANYABIKORWA WASURA URUBUGA RWACU:

GoodNews DAILY

IKAZE KU

RUBUGA RWACU



MENYA BYINSHI USURA URUBUGA RWACU UYU MUNSI

Sura urubuga rw'Inkuru Nziza ya Buri Munsi kugira ngo ubone inyigisho z'abakuru, ingimbi ndetse n'abana, buri yose yandikanywe ubushishozi kugira ngo ikomeze kwizera kwawe kandi yongera kumva Ijambo ry'Imana kwawe byimbitse. Urubuga rwacu kandi ruriho n'inyigisho zikomeye z'Umuhanuzi Uebert Angel, amakuru agezweho ku bikorwa by'Inkuru Nziza ya buri Munsi, ndetse n'ibindi bikoresho byagenewe kugufasha gukura no gukomera muri buri gice cy'ubuzima bwawe.

Waba ukeneye ijambo ryo kugukomeza buri munsi, ihishurirwa ryimbitse, cyangwa se uburyo bwo gukomeza kumenya amakuru yo mu isi y'Inkuru Nziza (GoodNews World), buri cyose wifuza kuboneka hamwe ku rubuga rw'Inkuru Nziza ya buri munsi (GoodNews Daily Website)

Dukurikire ku mbuga nkoranyambaga:
@goodnewsdailydevotional
For daily encouragement, teachings and uplifting messages.

OUR WEBSITE

www.goodnewsdailydevotional.com

INGINGO YA 3 | 2026

MATA - GICURASI - KAMENA

Inkuru Nziza ya Buri Munsi ni inyigisho itunganywa na Spirit Embassy: Urusengero rw'Inkuru Nziza, isakaza inyigisho za Gihanuzi n'ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Yashyiriweho gusakaza ubutumwa bwa Yesu Kristo no gukomeza abizera mu Ijambo ry'Imana.

KU BINDI BISOBANURO, UKENEYE ISENGESHO CYANGWA USHAKA KWIFATANYA NATWE, WAHAMAGARA ISHAMI RIKWEGEREYE:

zina ry'ishami:
Izina ry'uhamagarwa:
Telephone:
Email:
Aho bahererereye:

Copyright © 2026 by Uebert Angel
All rights reserved.

support@goodnewsworld.com
www.goodnewsworld.com

Ukeneye ibindi bisobanuro cyangwa se gutanga ubuhamya:
gnd@goodnewsworld.com | www.goodnewsdailydevotional.com

Ukeneye ko tugufasha mu rugendo rwo gukura nk'Umukristo waduhagara:
UK: +44 3333 448 612 | **USA** +1 240 781 6942
RSA: +27 51 004 0209 | **ZWE** +263 773 195 955
Email: gnd@goodnewsworld.com

SCAN ME



Ukeneye ubundi bufasha k'uko wakura nk'umukristo, waduhamagara kuri:

UK: +44 3333 448 612
USA: +1 240 781 6942
RSA: +27 51 004 0209
ZWE: +263 773 195 9555

gnd@goodnewsworld.com
goodnewsdailydevotional.com

FOTORA HANO UBONE IYI NYIGISHO KU BUNTU